## ISHAKIRO


**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE ............................ iii**

**IJAMBO RY'IBANZE ............................................................ v**

**GUSHIMIRA ................................................................. vii**

**UMUTWE WA 1: .................................................................. 1**

**UBUREZI N'UBURERE ........................................................ 1**

I.1. Umwandiko: Kabayiza mu ihuriro ........................................ 2

I.2. Umwandiko: Ntibabyumva kimwe ......................................... 6

I.3. Ikiganiro mpaka ............................................................. 10

I.4. Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda ............................ 14

I.5. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri......................... 34

I.6. Isuzuma risoza umutwe wa mbere ......................................... 34

**UMUTWE WA 2: ................................................................ 39**

**UMUCO NYARWANDA ......................................................... 39**

II.1. Umwandiko: Ruhinyuza ...................................................... 40

II.2. Ubuvanganzo nyarwanda: Ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda ............................................................ 43

II.3. Umwandiko: Inkuru yabaye kimomo....................................... 52

II.4. Izindi ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda ................................................................... 56

II.5 Ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku.............................. 69

II.6 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ......................... 76

II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri ......................................... 76

**UMUTWE WA 3: ................................................................ 81**

**KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU .......................... 81**

III.1. Umwandiko: Turyamagane twese .......................................... 82

III.2. Umuvugo ....................................................................... 86

III.3. Ubwoko bw'amagambo ...................................................... 90

III.4. Umwandiko: Rutabikangwa yisubiyeho.................................. 95

III.5. Andi magambo ahinduka ................................................... 99

III.6. Inyunguramagambo ......................................................... 108

III.7. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri .................... 113

III.8. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ..... 114
**UMUTWE WA 4: ..... 119**
**KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE ..... 119**
IV.1. Umwandiko: Tubifate neza ..... 120
IV.2. Ihinamwandiko ..... 123
IV.3. Amoko y'imyandiko ..... 124
IV.4. Ihimbamwandiko/ihangamwandiko ..... 129
IV.5. Umwandiko: Bamugiriye inama ..... 132
IV.6. Amagambo ahinduka: Ibinyazina ..... 134
IV.7.Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..... 150
IV.8. Isuzuma risoza umutwe wa kane ..... 150
**UMUTWE WA 5: ..... 155**
**KUBUNGABUNGA UBUZIMA ..... 155**
V.1. Umwandiko: Kwirinda biruta kwivuza ..... 156
V.2. Ibindi binyazina ..... 160
V.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..... 174
V.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ..... 175
**UMUTWE WA 6: ..... 177**
**ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA MU ITERAMBERE ..... 177**
VI.1. Umwandiko: Ikoranabuhanga ryaragikemuye. ..... 178
VI.2. Ubwoko bw'amagambo: Amagambo adahinduka ..... 182
VI.3.Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..... 189
VI.3. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ..... 189
**UMUTWE WA 7: ..... 193**
**INGARUKA Z'IBIYOBYABWENGE ..... 193**
VII.1. Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge ..... 194
VII.2. Inkuru ishushanyije ..... 205
VII.3. Ikomora: Ikomorazina ..... 207
VII.4. Ikeshamvugo ..... 215
VII.5. Inshoberamahanga ..... 220
VII.6. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..... 225
VII.7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ..... 226

**UMUTWE 8:** ..................................................................... **231**
**GUKUNDA IGIHUGU** ..................................................................... **231**
VIII.1. Umwandiko: Twitabire umuganda ..................................... 232
VIII.2. Iyigamajwi ..................................................................... 235
VIII.3 Iyigamvugo ..................................................................... 245
VIII.4 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..................... 247
VIII.5 Isuzuma risoza umutwe wa munani ..................................... 248
**UMUTWE WA 9:** ..................................................................... **253**
**IMITURIRE** ..................................................................... **253**
IX.1. Umwandiko: Duture heza ..................................................... 254
IX.2 Inkuru ngufi ..................................................................... 258
IX.3 Umwandiko: Ibikorwa remezo byaratwegereye ......................... 262
IX.4 Ibaruwa mbonezamubano ..................................................... 264
IX.5 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ......................... 265
IX.6.Isuzuma risoza umutwe wa kenda ............................................ 265
**IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE** ...................................... **268**
**IMIGEREKA** ..................................................................... **269**

## I.1. Umwandiko: Kabayiza mu ihuriro



Mu mudugudu wa Gahinga hari ingimbi n'abangavu biga mu bigo by'amashuri binyuranye. Mu kiruhuko, mu masaha ya nimugoroba barahuraga bakungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Kabayiza, umwe mu ngimbi zari zituye muri uwo mudugudu ntiyagiraga amahirwe yo kujya mu ihuriro nka bagenzi be kuko ababyeyi be bamubwiraga ko yaba agiye gucumba urugomo. Yahoraga abinginga ngo na we agende, bakamutsembera, ibyo bikamubabaza cyane.

Igihe kimwe, yinginze ababyeyi ngo ajyane na bagenzi be mu ihuriro, baramwemerera ariko bamusaba ko navayo ababwira ibyo yungukiyemo. Nuko agenda yishimye. Ageze mu ihuriro, bamwakirana urugwiro. Ntibyatinze umusangiza w'amagambo yakira umusaza Kanyamibwa bari batumiye ngo abaganirize ku nsanganyamatsiko y'uwo munsi ari yo "Uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere". Yasabye buri wese gukurikira atuje kandi yandika ikibazo yifuza kuza kubaza nyuma y'ikiganiro.

Kanyamibwa yatangiye ababwira ko mu Rwanda rwo hambere Abanyarwanda bari bafite irerero gakondo ari ryo torero. Ryatangirwagamo uburezi n'uburere ku ngimbi zaturutse hirya no hino mu gihugu. Bahuriraga ibwami no mu batware, bakabatoza ibintu byinshi binyuranye. Ibijyanye n'umuco nyarwanda batozwaga byabagiriraga akamaro ku giti cyabo ndetse no ku muryango nyarwanda muri rusange. Muri byo twavuga nk'indangagaciro na za kirazira zubakaga umunyarwanda mo ubumuntu n'ubunyarwanda.

Kanyamibwa yakomeje ababwira bimwe na bimwe mu byigirwaga mu

itorero: Icya mbere bigiragamo ni ukwimakaza umuco w'imibanire myiza bakabana nk'abavandimwe badahemukirana. Yabasobanuriye ko intore yimakazaga umuco w'amahoro iharanira kubana neza n'abandi. Intore wasangaga ari inshuti zikomeye, zishyize hamwe ku buryo na nyuma y'ubuzima bwo mu itorero ubucuti bwakomezaga bitewe n'inyigisho bahabwaga zatumaga bumva ko ari abavandimwe. Mu itorero kandi nta vangura ryarangwagamo. Mu kubigisha iyi ndangagaciro y'imibanire myiza barashotoranaga mu biganiro kugira ngo barebe uko uwo bashotoye yifata. Iyo byamurakazaga baramusekaga kugeza igihe abicitseho. Iyi nyigisho yatumaga abitabiriye itorero hagati yabo ubwabo babana mu mahoro.


Icya kabiri bigishwaga kiza ni ugukunda Igihugu. Batozwaga ibyivugo bigizwe n'ibigwi n'ibirindiro by'intwari za kera z'ibirangirire. Babifataga mu mutwe kugira ngo babashe guhimba ibyabo ndetse bizatume na bo bagira ubwo butwari. Ibyo byatumaga bavamo intwari z'Igihugu mu buryo butandukanye. Urugero ni nk'abatabazi n'abacengeri bemeraga gupfira Igihugu ku bushake kugira ngo kibone umutsindo. Ibi byagaragazaga urukundo rukomeye rwo kwitangira Igihugu. Ni na ho havuye umugani uvuga ngo "Wima amaraso Igihugu, imbwa zikayanywera ubusa".

Icya gatatu kandi intore zigiraga mu itorero ni amateka y'Igihugu n'Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco. Zigaga uko umuntu yifata n'uko avuga imbere y'abamuruta n'abo aruta ndetse n'imbere y'umwanzi kugira ngo amwime ikico. Intore zatozwaga uko zifata imbere y'abo ziyobora n'abaziyobora. Zatozwaga ubuvanganzo bunyuranye nk'ibyivugo maze mu nkera y'imihigo bakivuga ibigwi n'ibirindiro. Intore kandi zigaga kuvuga neza no kutizimba mu magambo.

Icya kane, mu itorero abahungu batozwaga gukoresha intwaro zitandukanye n'ubuhanga bwo kurwana. Muri byo twavuga nko gufora umuheto, kumasha, gukinga ingabo, gutera icumu, gusimbuka, gukirana, kuzibukira n'ibindi. Ibi kwari ukugira ngo igihe baba basakiranye n'umubisha bazirwaneho, ntazabafate mpiri. Bigaga kandi amategeko y'intambara. Muri yo harimo ko kwica abagore n'abana no gufata ku ngufu abagore n'abakobwa byaziraga. Ikindi kandi bamenyaga ko umugabo wafatwaga mpiri arwana batagomba kumwica, na we yazaga mu minyago nk'abagore n'abana. Uretse n'abantu, n'inyamaswa yahungiraga mu nzu cyaraziraga kuyitanga, kabone n'ubwo yaba iribwa cyangwa iryana.

Abakobwa bo ntibajyaga mu itorero ahubwo bajyaga mu rubohero ari byo twagereranya n'itorero kuri bo. Bahabwaga impanuro zirimo kwiyubaha, kubaha abandi, kuzavamo abagore babereye u Rwanda, kuzamenya kurera Igihugu no kujya inama zubaka imiryango yabo. Bahigiraga kandi imirimo itandukanye nko kuboha ibyibo, ibiseke n'imisambi, ndetse no gusenga inkangara n'ibindi.

## I.2. Umwandiko: Ntibabyumva kimwe



Hari mu isomo ry'Ikinyarwanda, umwarimu Rumanzi abwira abanyeshuri be ati: "Uyu munsi mu isomo ryacu ry'Ikinyarwanda ndifuza ko tuganira ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere'. Ndifuza ko buri wese akigiramo uruhare. Nimwitoremo uyobora ikiganiro uzajya asangiza amagambo, umwanditsi utwandikira ingingo z'ingenzi z'ibyavuzwe mu kiganiro, uduhwitura kugira ngo dukoreshe igihe cyacu neza; babiri bashyigikiye insanganyamatsiko na babiri batayishyigikiye; abaza kugaragaza uruhande rwatanze ibitekerezo bihiga iby'abandi nta ruhande babogamiyeho ndetse n'abaza kurebera uko ikiganiro gikorwa na bo bakaba baza kuvuga uko babyumva nyuma y'ibitekerezo by'uruhande rushyigikiye n'urudashyigikiye insanganyamatsiko.

Umwarimu Rumanzi akimara kuvuga igikorwa mu isomo ry'Ikinyarwanda, abanyeshuri be babyumvise vuba, bitoramo ibyiciro yavuze kugira ngo bose bagire uruhare mu kiganiro. Barangije, yabahaye igihe kingana n'isaha kugira ngo abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye babone umwanya wo gukora ubushakashatsi buhagije begeranya ingingo bari bushingireho batanga ibitekerezo byabo. Igihe bahawe kirangiye umwarimu yaberetse uko bicara akurikije uruhare buri wese ari bugire mu kiganiro kugira ngo batangire abasaba ashimangira ko ikiganiro kigomba kuba mu mutuzo buri wese yumva kandi yubaha ibitekerezo bya mugenzi we. Yabibukije ko nibarangiza ikiganiro, umwanditsi aza kuvuga mu nshamake uko ikiganiro cyagenze.

**Umuyobozi w'ikiganiro:** "Tubahaye ikaze mu kiganiro cyacu ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere'. Umwe mu bashyigikiye insanganyamatsiko yabanza agatanga ibitekerezo bye

**Uwa mbere ushyigikiye insanganyamatsiko: "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere":**

Murakoze kuduha uyu mwanya wo gutanga ibitekerezo byacu ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere". Ibi ni ukuri koko. Ishuri ni irerero riganwa n'abantu b'ingeri zose. Umwana aravuka, ababyeyi bakamwitaho, bamugaburira, bamwambika ndetse bakamuvuza mu gihe yarwaye. Iyo amaze gukura bamutangiza ishuri, inshingano zabo nk'ababyeyi ni ukumuha ibikoresho byose bikenerwa no gukomeza kumwitaho mu mibereho. Uburezi n'uburere nyakuri abihabwa n'umwarimu mu gihe cyose amara ku ishuri. Nkaba nemeza rero ko ishuri ari ryo musingi nyawo w'uburezi n'uburere kubera ko utarigannye ngo abarimu bamurere bamutoza ikinyabupfura ndetse banamuhe ubumenyi nta terambere yageraho.

**Umuyobozi w'ikiganiro:** Ngira ngo murumva ibyo amaze kuvuga, mwe mudashyigikiye insanganyamatsiko murabivugaho iki?

**Uwa mbere udashyigikiye insanganyamatsiko: "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere":**

Murakoze cyane ku ngingo yanyu mutanze, nge ariko si ko mbibona. Uburezi n'uburere nyabwo buhera mu muryango aho umwana avuka. Ababyeyi b'umwana cyangwa abamurera ni bo bafata iya mbere mu kumuha uburezi n'uburere kuko agiye mu ishuri nta burezi n'uburere by'ibanze yahawe n'ababyeyi cyangwa abamurera, mu ishuri umwarimu yagosorera mu rucaca. Mu yandi magambo umwarimu yubakira ku byo ababyeyi batoje abana babo. Bityo nkaba nemeza ko umuryango ari wo musingi w'uburezi n'uburere.

**Umuyobozi w'ikiganiro:** Undi mu bashyigikiye insanganyamatsiko nawe yagira icyo abivugaho.

**Uwa kabiri ushyigikiye insanganyamatsiko: "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere":**

Murakoze cyane ku gitekerezo cyanyu mutanze ariko nge si ko mbyumva. Umuntu agana ishuri agatozwa ikinyabupfura, akamenya gusoma no kwandika, akahigira n'ubundi bumenyi bumufasha kuzavamo umuntu nyamuntu. Ndemeza ko umuntu utaragana cyangwa utaragannye ishuri nta burezi n'uburere bihamye yaba afite. Ibi bikaba ari byo nshingiraho mvuga ko ishuri ari wo musingi nyawo w'uburezi n'uburere.

**Umuyobozi w'ikiganiro:** Mwakomeje kumva ibyo abashyigikiye insanganyamatsiko bagenda bavuga, mwe abo ku rundi ruhande nta kindi mwakongeraho?

**Uwa kabiri udashyigikiye insanganyamatsiko: "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere":**

Murakoze cyane ku bw'icyo gitekerezo ariko nk'uko mu Kinyarwanda babivuga "uburere buruta ubuvuke". Kimwe na mugenzi wange wambanjirije, sinshyigikiye ko ishuri ari ryo musingi nyawo w'uburezi n'uburere. Uburere n'ubumenyi dukura mu ishuri si byo byaba umusingi w'uburezi n'uburere byacu kuko uburere nyabwo tugomba kubuhabwa mbere yo kugana ishuri. Mu muryango ni ho h'ibanze umwana atorezwa hakiri kare indangagaciro z'umuco na kirazira bityo yajya mu ishuri abarimu bakabona aho bahera. Muri make, uburezi n'uburere umwana yahawe mu muryango ni wo musingi uburezi n'uburere byo mu ishuri byubakiraho.

Abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye barangije gutanga ibitekerezo byabo, umuyobozi w'ikiganiro yasabye abandi bantu bose bari aho gutanga ibitekerezo byabo. Ibitekerezo batangaga byagaragazaga ko ishuri atari ryo musingi w'uburezi n'uburere. Barangije asaba umwanditsi gusoma ingingo zatanzwe na buri ruhande ku nsanganyamatsiko. Nyuma umuyobozi w'ikiganiro aha umwanya umwe mu bari bafite inshingano zo kugaragaza itsinda ryahize irindi mu gutanga ingingo zifatika. Maze arahaguruka aravuga ati: "Ndashimira muri rusange buri wese witabiriye ikiganiro kuko mwaranzwe n'umutuzo. Ndashimira by'umwihariko kandi buri wese ku mpande zombi watanze ibitekerezo byiza by'uko yumva insanganyamatsiko bari bahawe bashize amanga kandi mu bwubahane. Ibitekerezo byatanzwe byose byumvikanaga ariko abahize abandi mu gutanga ingingo zumvikana ni abatari bashyigikiye insanganyamatsiko. Murakoze".


Nyuma y'ibyo, umuyobozi w'ikiganiro yashimiye abagize uruhare bose mu kiganiro, n'uburyo cyagenze neza mu mutuzo nta kubangamirana.

### 1.2.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

Soma umwandiko "Ntibabyumva kimwe", ushakemo amagambo akomeye hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.

## II.1. Umwandiko: Ruhinyuza



Kera habayeho umugabo akitwa Ruhinyuza Rwahinyuje Imana. Umunsi umwe yagiye kwiba asanga umugore nyiri urugo yabyaye aryamye asinziriye. Yinjiye mu nzu yumva Imana irimo gutuka umwana imubwira iti: "Mwana wange uravutse, ariko uzicwa n'ihembe ry'inzovu". Ruhinyuza abyumvise arivugisha ati: "Imana irabeshya." Ntiyaba akibye, aratambuka ajya aho uwo mugore aryamye, afata icyuma, agicisha mu mara ya wa mwana wavutse uwo munsi arangije arigendera.

Bene urugo bakangutse, umubyeyi ngo arebe umwana, asanga amara ye ku buriri. Abwira umugabo ati: "Byuka umwana yapfuye". Umugabo arabyuka aracana, amatara yari ataraza acana mu ziko. Baterura umwana, basanga ni intere. Bamushyira ku ziko, bazana ikiremo k'impuzu, bakubita muri ya mara babusubiza mu nda barahwanya. Bakajya basenga bagira bati: "Imana ntiyanga kugondozwa yanga guhemuzwa, twizeye ko uyu mwana azakira". Bamurekera aho, umwana baramuvura arakira. Aba aho ngaho, arasohoka, agera aho kwicara, agera iyo akambakamba, agera iyo ahaguruka, wa mugabo kandi akajya aza kuneka kuko yumvise Imana ivuga ngo: "Mwana wange ndagututse uzicwa n'ihembe ry'inzovu".

Umwana aba aho, amaze gupfundura amabere, wa mugabo yenga inzoga, aragenda ajya gusaba wa mukobwa. Baramumwemerera bati: "Tuzamugushyingira." Umugabo arakwa, amaze gukwa, ati: "Ndashaka gushyingirwa". Umugabo arashyingirwa. Amaze gushyingirwa abwira abagaragu be ati: "Umva rero bagaragu bange, nk'uko nshyingiwe uyu

mwana w'umukobwa, uyu mwana w'umukobwa ntakigenze; uyu mwana w'umukobwa ntakagire ubwo ajya mu muryango w'inzu; ntakagire ubwo ajya mu rugo; azajya mu rugo mumuhetse; azajya mu gikari mumuhetse; kandi ntazahinga. Umugore yibera aho ngaho aratinya, aratinyuka; yasohoka agahekwa, yajya kwituma agahekwa, yasubira mu nzu agahekwa.

Umugore arabyara. Amaze kubyara bibera aho ngaho, bukeye abahigi barahiga. Ngo bamare guhiga nyamugore yumva umuhigo. Abwira abagaragu ati: "Ihiii, nimumpeke nge kureba." Abagaragu bati: "Hama aho ngaho ntibishoboka, kujya kureba umuhigo ntibishoboka, hama aho ngaho, ntabwo bigushishikaje. Abagenda baraza kukubwira". Umugore ati: "Oya nimumpeke munshyire mu gikari". Burya koko nyamwanga kubwirwa ntiyanze kubona! Umugore baramuheka no mu gikari. Umugore areba umuhigo, abahigi bari bahetse impyisi. Umugore arabareba, bimwanga mu nda, umugore ashingura ukuguru mu ngobyi, agushinga ku rugo. Agushinze ku rugo, ashinga mu ihembe ry'inzovu. Umugore arongera ashingura ukuguru ati: "nimunjyane imuhira, sinzi ikintu kinyishe mu kirenge". Bamusubiza mu nzu, umugore ariko ataka avuga ngo "Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona". Guhera ubwo abyimba ikirenge, umugabo ngo aze barabimubwira. Umugabo ati: "Ese ye, byagenze bite? Uyu mugore mwamujyaniye iki mu gikari?" Abagaragu be baramusubiza bati: "Uyu mugore yari yatubwiye turamuhakanira aranga. None rero nta kundi twari kubigenza".

Nuko bigeze igihe cya nijoro umugore arapfa, amaze gupfa baramuhamba. Bibera aho ngaho barabasura, kwa sebukwe bazana ibiyagano. Bavuye ku kirirarira cy'urupfu, nanone benga inzoga, uwo mukwe atumira kwa sebukwe, atumira bene wabo bo kwa sebukwe na ba nyirarume b'umugore. Bahageze, abatekerereza ukuntu yagiye kwiba, agasanga Imana irimo gutuka umwana wavutse, na we agakata uwo mwana mu nda, agasiga amara ari hasi; ukuntu Imana nanone yamusannye, kandi ko icyo yamututse ari ihembe ry'inzovu akaba ari cyo azize. Arabashima ati: "Nukonuko kandi nshimye Imana, abantu mwese mwemere Imana, Imana ni yo iriho kandi ni yo ishobora byose, iyakaremye ni yo ikamena". Si ge wahera hahera Ruhinyuza.

### 2.1.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

#### Igikorwa

*Soma umwandiko "**Ruhinyuza**", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

### 2.1.3. Gusoma no gusesengura umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ruhinyuza" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

1. Tanga urugero rw'igikorwa umuntu ashobora gukora kibujijwe kikamugiraho ingaruka.
2. Muri iki gihe ni iyihe nama wagira umuntu ushaka guhiga inyamaswa ?
3. Ni iki wakora mu gihe nyuma y'igihe kirekire waba umenye umuntu wakugiriye nabi?
4. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Ruhinyuza"

## II.2. Ubuvanganzo nyarwanda: Ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

**Umwandiko: Abanyarwanda bimaraga ubute**

Abanyarwanda bakoraga imirimo itandukanye bakizihirwa. Abahinga ubudehe bakidogera isuka, bakaririmba imparamba; abahigi mu kibira bakaririmba amahigi, baba bamashije umuhigo bakaroha ibyirahiro.

Buri mwuga wari ufite umwihariko, abasare mu mazi bakamenya amasare yabo, abavumvu bakavuga amavumvu yabo bahamagara inzuki cyangwa baziyama ngo zitabadwinga.

Mu gitaramo abagabo bashoboraga kwivuga, mu gihe cy'umuhuro umukobwa agiye kubaka urwe bakamuhoza, abana bakarushanwa kuvuga vuba utezwe mu mvugo bakamuseka n'ibindi.

Abanyarwanda bari bazi kwirwanaho bimara ubute, batarama cyangwa bakora akazi runaka.

## II.3. Umwandiko: Inkuru yabaye kimomo



*Uyu mugani bawuca iyo bamaze kumenya ko inkuru ari imvaho; ni bwo bagira bati: "inkuru yabaye kimomo!". Wakomotse kuri Kimomo cya Gashakamba w'Umuzigaba, i Bweramvura bwa Kinihira mu Kabagari (Ruhango), ahasaga mu mwaka wa 1500.*

Ndahiro Cyamatare amaze guhungishiriza umuhungu we Ndori i Karagwe k'Abahinda, yaratanze, u Rwanda rucikamo ibice; kimwe kigira abatware bacyo ikindi abacyo; bimara iminsi. Bukeye inzara iratera ica ibintu, batangira kuvuga ko iyo nzara yatewe no kutagira umwami. Haba impuha nyinshi zitewe n'ayo mapfa yakubye u Rwanda. Ndori yari yarajyanywe n'umuja wa se witwaga Nyamabere; ni we nyirakuru w'abanyagihango b'i Gihinga cya Ruzege mu Rukoma. Yamugejeje kwa nyirasenge abanza kujya amurerera ku icumbi bamuhisha Ruhinda, umugabo wa Nyabunyana.

Nuko inzara ikomeje guca ibintu, abayoboke ba Ndahiro (rubanda rutari abiru) baterana rwihishwa barabazanya bati: "Aho duherukanira ko twabonaga umwana wa Ndahiro witwa Ndori, aho none ntiyaba yarapfanye na se cyangwa akaba yandagaye mu Rwanda aho tutazi?" Bitoramo bamwe bajya i Buhanga kubibaza Mpande ya Rusanga wari umwiru. Bagendamo uwitwa Kimomo cya Gashakamba w'i Bweramvura. Bashyira nzira bagera i Buhanga mu ijoro kuko bagendaga mu rwihisho.

Mpande ababaza amakuru abagenza, ati: “Ko mwaje ikivunge ni amahoro?” Bati: “Ntayo!”. Barongera bati: “Twateranye twibaza aho mwene Ndahiro aba turahayoberwa, none tuje kukubaza akanunu ke wenda wakamenya”.

Mpande abanza kwiyumvira akeka ko bamutata. Hanyuma arababaza ati: “Muramushakira iki?” Ni ko kumusubiza bati: “Tumenye ko akiriho twakwisuganya tukarwana n’abigaruriye u Rwanda tutarasanira ubusa”. Mpande yumvise ko batamutata arababwira ati: “Ndori ari i Karagwe kwa Ruhinda, se yasize amwoherereje nyirasenge Nyabunyana ngo amurere”. Bati: “Ese azagaruka buryo ki?” Ati: “Ibyo sinabimenya”. Barikubura baragaruka ariko batemeye ibyo Mpande yababwiye. Baza bamugaya inzira yose bati: “Nta bucuti bw’abiru!” Bageze iwabo bacura indi nama bati: “Nimwivanemo umuntu w’umugabo tumutume i Karagwe age kuturebera ko Mpande yatubwije ukuri cyangwa yatubeshye dushire amazeze”. Bakiri muri iyo nama Kimomo ati: “Nimuntume nubwo ntazi inzira ijyayo ariko ndapfa kugenda mpobagurika ningira Imana nzagerayo!”

Nuko bose bashima Kimomo bamuha impamba aragenda. Ahaguruka i Bweramvura arara ku Rugarika mu Kona ka Mashyoza kwa Karangana; amubwira ko agiye i Karagwe kureba ko Ndori akiriho. Karangana yanga kumumenyesha ko Ndori ariho; na we yari umwiru. Bukeye Kimomo ahaguruka ku Rugarika arara i Nyamweru kwa Cyabakanga ahageze na we arabimubwira. Cyabakanga ntiyamubera nka Karangana apfa kumubwira ariko nk’ubikeka, ati: “Ubanza yaba ariho”. Buracya Kimomo ashyira nzira ataha i Busigi kwa Minyaruko ya Nyamikenke, amutekerereza ko agiye gushaka aho Ndori yaba ari. Minyaruko aramwerurira ati: “Ari i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana”. Buracya Kimomo arahaguruka arara nzira rimwe, ku munsi wa kabiri arara mu rugabano rwa Karagwe. Ahageze abatasi baramufata bamubaza ikimugenza. Kimomo yanga kuvuga ko aje kureba Ndori, ati: “Nje guhakwa na mabuja Nyabunyana ntiduherukana kandi nari umugaragu wa se”. Baramufata bamujyana kwa Ruhinda. Bamugejeje ku karubanda bamwe bamusigaraho abandi bajya kubaza Nyabunyana ko azi umuntu witwa Kimomo. Nyabunyana yumvise iryo zina ashigukana ubwuzu, ati: “Ari he?” Bati: “Ku karubanda”. Arababwira ati: “Nimumubwire aze”.

Kimomo araza aramukanya na Nyabunyana, baramufungurira. Amaze gufungura Nyabunyana ahamagaza Ndori ngo aze baramukanye. Ubwo yari yaragiye ku mugaragaro. Araza bararamukanya. Bakiramukanya Kimomo araturika ararira. Nyabunyana aramutwama arihanagura, ariko agumya kuvugana ikiniga. Arara aho arasibira akiruhuka. Ku munsi wa gatatu arasezera bamuha impamba afata inzira aragaruka. Aza arara aho yagiye arara hose, abamenyesha ko Ndori ari umusore.

Ageze iwabo i Bweramvura bwa Kinihira ateranya Abaryankuna, abatekerereza urugendo rwe ababwira uko yabonanye na Ndori na nyirasenge.

Ubwo Abaryankuna babivugaga rwihishwa mu mabanga yabo. Ariko ntibyabura kumenyekana hose bavuga ko Ndori ari i Karagwe. Bamwe bati: "Yapfanye na se". Bakomeza kubivuga kugeza igihe bamenyeye ko Kimomo ari we wazanye iyo nkuru avuye i Karagwe. Noneho barabyemera bikwira u Rwanda rwose. Kuva ubwo rero, hagira ababara inkuru bayisiganira, bamwe bati: "Ibi n'ibi", abandi, bati: "biriya", bikaba aho byamara kwitamanzura, bose bakagira bati: "Ni byo; ni imvaho, noneho bakagira bati: "inkuru yabaye kimomo". Ubwo baba bibuka inkuru ya Kimomo cya Gashakamba yavuye i Karagwe igakwira u Rwanda ari impamo. Kubara inkuru kimomo ni ukuyigaragaza by'imvaho.

### 2.3.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

#### Igikorwa

*Soma umwandiko "***Inkuru yabaye kimomo***", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe wihimbiye ukurikije icyo asobanura mu mwandiko:

   a) Akanunu

   b) Abatasi

   c) Aramutwama

   d) Yaratanze

   e) Ikivunge

   f) Mpobagurika

2. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari mu nteruro zikurikira ayo bibusanyije igisobanuro.

   a) Iyo umwana agiye kwa **nyirasenge** ahura na babyara be

   b) Ninza kugusura nzaza **rwihishwa**.

### 2.4.2.Ibisakuzo

**Igikorwa**

*Musome umwandiko ukurikira hanyuma musubize ibibazo byawubajijweho.*

**Umwandiko: Mu gitaramo kwa nyirakuru**



Mu biruhuko bishize Kawera na musaza we bagiye gusura nyirakuru utuye mu bisi bya Huye. Bagezeyo, nyirakuru abakirana ubwuzu. Bararamukanya bishyira kera. Bamaze kuruhuka, nyirakuru asasa umusambi, abazimanira umutsima w'amasaka n'ikivuguto.

Nimugoroba haza babyara babo kubaramutsa. Bararamukanya, babazanya amakuru barangije bakina urunana. Ijoro riguye nyirakuru abasaba gutaramana na we. Abacira umugani ushimishije nyuma barasakuza. Kawera atangira abasakuza ati: "Sakwe sakwe!" abandi bati: "Soma" ati: "Abana bange bateze ibisage bose". Abandi bati: "Imisatsi y'ibigori". Bakomeza batyo basimburana umwumwe. Nyirakuru abonye bamaze gusakuza umwanya muremure, arabashimira cyane bajya kuryama.

**Ibibazo**

1. Ni izihe ngeri z'ubuvanganzo Kawera, musaza we, babyara babo na nyirakuru bifashishije mu gutarama?
2. Umaze gusoma umwandiko "Mu gitaramo kwa nyirakuru", tahura inshoza y'ibisakuzo n'uturango tw'ibisakuzo ndetse n'akamaro kabyo.

## Umwitozo

1. Ica ibisakuzo bikurikira:

**Sakwe sakwe! Soma!**

- Nagutera icyambuka amazi kitagira amaguru
- Nagutera icyo utazi utabonye
- Hagarara hakuno,mpagarare hakurya turate abeza
- Hakurya ni umukoki,hakuno ni umukoki
- Mpagaze mu ishyamba rimpa umwezi
- Ngeze mu ishyamba rirahungabana
- Nshinze umwe ndasakara
- Nyirabakangaza ngo mutahe
- Inka yanjye nyikama igaramye
- Twavamo umwe ntitwarya

2. Gereranya ibisakuzo n'imigani migufi
3. Tahura mu kinyatuzu ibisubizo by'ibisakuzo wahawe. Andika igisubizo imbere y'igisakuzo cyacyo.

**Ibisakuzo**

a) Intara za nyirabangana zingana zose.

b) Mama nshuti.

c) Sogokuru aryoha aboze.

d) Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama.

e) Agacwende kange kambaye kure mba ngukoreyemo.

f) Ibuye ry'imisozi ryimuye umugabo.

g) Inka yange yimira mu kinono ikabyarira mu ihembe.

h) Nkandagiye itafari rimena itegura risakaza inkuru i Burayi.

i) Ngeze mu ishyamba rirahubangana.

2. Umwana yashakaga kunyara ari kumwe na nyina akamubwira; bukeye nyina aramubwira ati: “Ntukavuge ko ugiye kunyara, jya uvuga ko ugiye kuririmba.”Umunsi umwe umwana yasigaranye na se nyina yasuhutse, bigeze nijoro umwana ati: “Ko nshaka kuririmba?” Se aramusubiza ati: “Mwana wange ushaka kuririmba muri iri joro? Cyo ngaho ndirimbira buhoro mu gutwi.” Umwana arekura inkari no mu gutwi kwa se ngo shiririri!
3. Umugabo w’igisambo yumvise ashonje, anyarukira mu nzu asangamo ibiryo by’umwana, arabiterura. Abuze aho abirira ajya mu bwiherero, arya vubavuba, ibyago bye biza kumuniga araniha, umugore yumvise umuniho arahurura ati: “Byagenze bite? Undi araceceka. Agize amahirwe biramanuka ntiyongera kuniha, umugore arongera arakomanga ati: “Hari urimo?” Umugabo afata ya sahani ayambara ku mutwe. Umugore arambiwe asunika urugi, umugabo abuze icyo avuga akomanga kuri ya sahani ati: “Mada, witonde ubu nabaye umuporisi.”
4. Umwana yabajije se ati: “Kuki abageni bambara ibyera igihe cyo gusezerana?” Se aramusubiza ati: “Mwana wange ni uko ari ibara ryerekana ibyishimo nk’uko iryirabura ryerekana agahinda.” Umwana ati: “Ahaaa! Noneho menye impamvu abagabo bakunda kwambara ibyirabura, ni agahinda bahorana!”

#### 2.4.3.1 Gusoma no gusobanura imyandiko

**Igikorwa**

*Soma imyandiko ya “Muze duseke”, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo, ukore n’umwitozo ukurikira.*

**Umwitozo**

1. Tanga imigenurano ibiri ihuje inyito n’umugani mugufi “Ubwenge buza ubujiji buhise”.

#### 2.4.3.2 Gusoma no kumva imyandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome imyandiko “Muze duseke” maze usubiza ibibazo byayibajijweho.*

## II.6 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Umaze kwiga ubuvanganzo nyemvugo, jya mu isomero maze uhitemo imyandiko y'imwe mu ngeri z' ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda uyisome. Hera kuri iyo myandiko uhange igihangano cyawe bwite cya bene iyo ngeri.

| **Ubu nshobora:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko itandukanye yo mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda ngaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'umuco zigaragaramo.<br>- Gutandukanya no guhanga imyandiko inyuranye yo mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.<br>- Kunoza imvugo yange nkoresha neza imigani migufi mu biganiro bisanzwe, mu biganiro mpaka no mu nyandiko zitandukanye nandika.<br>- Gukina umukino wo gusakuza n'abandi.<br>- Kwivuga mu ruhame ndategwa kandi nsesekaza.<br>- Kwandika amagambo atandukanye mu nyandiko ya gihanga ugaragaza ubutinde n'amasaku. |
| **Ubu ndangwa no:** |
| Kwimakaza umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo. |

## II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

### Umwandiko: Matama ya Bigega

Umugabo Bigega yabaye aho, maze abyara umwana w'umukobwa amwita Matama; yari yaravukanye isaro mu ntoki, ntihabe hagira uhirahira ngo arimwake.

Mibambwe, umwami w'u Rwanda, arambagira Igihugu, acumbika ahitwa i Remera rya Kanyinya. Mu gicuku gishyira inkoko, Mibambwe yumva umwana urira. Mibamwe arabyuka, abaza abararizi ati: "Uwo mwana arariri he?" Baramusubiza bati: "Nta we twumvise" Umwami ati: "Nimuge kubaza abaja n'abashumba ko bamenya aho umwana aririra." Bababajije barabahakanira. Umwami ati: "Nimuge kubariza no mu baturanyi." Abo babajije bose bakabahakanira bati: "Nta mwana twigeze twumva arira."

Ubwo Mugunga wa Ndoba umugaragu wa Mibambwe, yari yagishishije inka mu Bugoyi, na we yumva umwana ararira, abaza abagaragu be ati: "Uwo mwana arariri he?" Bati: "Nta we twumva." Ati: "Nimuge kubaza

mu gikumba k'inka" Abashumba barahakana bati: "Nta mwana twumvise arira." Bucya Mugunga acyumva umwana arira, ati: "Sinakwihererana ibi bintu ngenyine". Ajya kubibwira umwami Mibambwe.

Agitunguka mu irembo arasuhuza. Mibambwe ati: "Nta kubaho, ijoro ry'ejo mu gicuku gishyira inkoko numvise umwana urira ageza mu gitondo akirira, n'ubu ndacyamwumva!" Mugunga ati: "Nange ni cyo cyari kinzanye ngo mbikubwire; nanze kubyihererana. Nabajije abantu bose twari kumwe ko na bo baba bumvise umwana urira, barampakanira. Mbajije mu baturanyi barampakanira. Mpera ko mena ijoro ngo nze kubikubwira."

Mibamwe ati: "Dushake uko twabona uwo mwana. Ndetse noneho ndumva yasaraye, ntakibasha no kurira cyane!" Nuko Mibambwe yohereza intumwa ahantu hose, yohereza na Mugunga, aramubwira ati: "Genda ushake uwo mwana, numara iminsi itatu utaramubona, uzaze dushake ubundi buryo." Yohereza n'umuntu kwa Kimenyi, umwami w'i Gisaka, ngo amubarize aho umwana yaba aherereye. Babibwiye Kimenyi ati: "Abami b'i Rwanda ntibabe abapfu! Umwana abura arizwa n'iki? Abana b'ino barabuhagira bakarira, bakora nabi babahana bakarira!" Intumwa iraza ibwira Mibambwe uko Kimenyi yamushubije, Mibambwe ntiyanyurwa.

Buracya atuma undi kwa Muzora, umwami wo mu Ndorwa, na we agiye kumusubiza ati: "Mibambwe ni umusazi. Abana bose bo mu gihugu cyange ngenzura igihe baririra?" Babwiye Mibambwe uko Muzora yamushubije arumirwa, ariko ntiyashirwa. Buracya atuma kuri Rumanyika, umwami w'i Karagwe, ngo amurangire aho umwana yumvise urira, aririra. Rumanyika aramusubiza ati: "Mbese uwo mwana ntarira nk'abandi bana?" Ati: "Sinabona icyo musubiza." Mibambwe abonye abo bami bose batamubwiye iby'uwo mwana urira, ahamagara abagaragu be bitwaga Indongozi, arababwira ati: "Nimuge kunshakira aho aririra. Dore mbohereje muri umunani, nimujyane na Mugunga." Abagaragu baragenda, bagera kwa Bigega, bararamukanya, baramubaza bati: "Ntiwamenya aho umwana aririra muri iki gihugu cyanyu?" Bigega ati: "Uwo mwana urira ni uwange, yanze kuvamo umwuka, naho ubundi agiye gupfa; umwana umaze icyumweru cyose arira!"

Mugunga ati: "Ese ntiwamenya ikimuriza?" Bigega ati: "Ni isaro yavukanye mu ntoki, ntihabe hari uwarimwaka. Bukeye bagiye kumwuhagira isaro rigwa hasi, inkoko irarimira, umwana arira kuva ubwo. Bagiye gufata inkoko ngo bariyake umukara urayimira, bagiye gufata umukara, imbwa irawumira, bagiye gufata imbwa, ingwe irayimira, bagiye gufata ingwe intare irayimira, bagize ngo bafate intare, imbogo irayimira, bakurikiye imbogo ngo bayifate, inzovu irayimira, nuko inzovu yigira mu ishyamba."

Mugunga abaza Bigega ati: “Iryo shyamba se muzi aho riherereye?” Bigega ati: “Turahazi ariko twese turaritinya, ntawurigeramo.” Mugunga ati: “Duherekeze uritwereka.” Bigega ati: “Ko muri bake?” Mugunga ati: “Nta cyo bitwaye.”

Mugunga n’Indongozi baragenda, bageze mu ishyamba, batangira guhiga ya nzovu. Inzovu ivumbutse ihunga, bayihurizaho amacumu barayica. Barayibaga bayikuramo ibyo yamize byose, basangamo na rya saro. Mugunga ararijyana, agitunguka kwa Bigega bavugiriza impundu icyarimwe. Mugunga ahereza wa mwana isaro rye, aherako arahora. Ahereza Mugunga amaboko, Mugunga aramuhagatira, amuha amata, umwana akira amarira.

Bigega ashima Mugunga n’Indongozi, atuma kuri Mibambwe, ati: “Guhera ubu tubaye inshuti, kandi umenye ko abami b’i Rwanda barusha ab’ahandi ubupfura.”

( *Mnyr BIGIRUMWAMI Aloys,* ***ibitekerezo, Nyundo1971)***

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

*Soma umwandiko, usubize ibibazo bikurikira:*

1. Matama uvugwa muri uyu mwandiko yari muntu ki?
2. Ni iki cyabaye intandaro yo kurira kwa Matama ya Bigega yivukaniye?
3. Tanga ingero ebyiri z’amakabyankuru agaragara muri uyu mwandiko.
4. Ni iki ushima umwami Mibambwe n’umugaragu we Mugunga?
5. Ni iki unenga muri uyu mwandiko ku ngingo yo gufata neza ibidukikije?
6. Ni irihe somo ry’ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?

**II. Ibibazo by’inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry’amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

   a) Kugishisha inka

   b) Mu gikumba k’inka

   c) Guhirahira

   d) Kurambagira

## III.1. Umwandiko: Turyamagane twese



Yewe muco gakondo
Twakondewe na Gihanga
Wowe uharaze imigenzo
Ukaziga imiziririzo
Ihohoterwa ryo urarizi?

Iyaduhanze yaradukunze
Iduhundagazaho ubuhanga
Iduhaza urukundo rwayo
Ngo dukundane twese
Ihohoterwa riza ari rwivanga!

Reka ndenge imbibi z'urwacu
Ndenze amaso iyo riterwa inkingi
Nsesengure umuco nyafurika
Mbaze abanyamahanga ibyaho
Aho ihohoterwa murarizi?

Icyo kibazo ni cyo gitumye mpanga
Ushaka gukira indwara arayirata
Uwarikorewe wese ntabihishire

Ntahanwe ngo yamennye ibanga
Ibanga ryakwica rizibukire!

Mu ngo riravuza ubuhuha
Mu kazi ntiryahatangwa
Mu itangwa ryako riraca ibintu
Mu micungire y'abakozi rirabacuza
Si iryo gucecekwa ryadutsemba!

Hadutse icuruzwa ry'abantu
Baba abahungu cyangwa abakobwa
Bagakurwa mu rwa Gihanga
Bakabunzwa i mahanga kandi hahanda
Bagashakira amahaho ahadakwiye!
Hari ihohoterwa ryo mu magambo
Atesha agaciro uwo mubana
Ngo nta mutungo yinjiza iwawe
Ndetse n'idini rye si ryo ryawe
Maze umutima we ukamungwa cyane!

Ingo zirasenyuka umusubizo
Zizira icyo cyago k'icyorezo
Umugore ntiyubahe umugabo
Ngo ubugabo nyabwo ni mu mufuka
Kandi umwe ari urugingo rw'undi.

Ko mbona ihohoterwa riteye hose
Kandi twese turi abavandimwe
Uyu mutima mutindi tuwugenze dute?
Ko utesha agaciro abantu benshi
Twawutesheje ugacika iwacu?

Abakurambere dukesha umuco
Baturaze kubana neza dutekanye
Icyubahiro gikwiriye buri wese
Umuto wese akubaha umukuru
Tukubahiriza uwo muco twese.

Hari abahoraga bibeshya
Ngo umukobwa si umwana
Ibyo rwose bikaba intandaro
Yo kwimwa intango y'ubuzima
Akimwa umunani mu muryango.

Babyara umuhungu ngo ni umutabazi
Amahoro agahinda mu muryango
Babyara umukobwa ngo ni agahinda
Ubwigunge bukarenga umubyeyi
Akaba igicibwa ngo aciye umuryango!

Ubwo umukobwa agatangira guhezwa
Akabuzwa amahirwe yo kugana ishuri
Agaharirwa gusa imirimo yo mu rugo
Basaza be bakaminuza abareba

Iryo hohoterwa rikamutera agahinda.

Ndanenga uwo muco rwose
Upfobya abo bari baziranenge
Ukababuza uburenganzira bwabo
Iryo hohoterwa rikabatera ipfunwe
Niriranduke rwose mu rwatubyaye!

Reka twese ikibazo tukigire icyacu
Uyu muco ukocamye ucike rwose
Duhashye ayo mahano abera iwacu
Porisi ihagurukire ababirengaho bose
Imiryango mpuzamahanga na yo ibihoshe.

Reka ababizi tubibwirize abandi
Uburenganzira bwa muntu buharanirwe
Kuko buri wese afite agaciro
Duhashye uwo muco muri bose
Kuko iwacu ufatwa nka kirazira.

Muri iyi minsi ariko imyitwarire ya Karigirwa iragenda ihinduka ku buryo bugaragara haba mu masomo ndetse no mu gusabana na bagenzi be. Uretse kuba atagikurikira amasomo ye neza, ntakivuga, ahorana intimba kandi asigaye akererwa bikabije. Ibi byamugizeho ingaruka mu myigire ye ku buryo asigaye agira amanota adashimishije. Nk'umurezi we byanteye impungenge bintera kugira igitekerezo cyo kuzajya kuganiriza ababyeyi be.

Umunsi umwe mvuye ku kazi nagiye iwabo wa Karigirwa. Ngezeyo, ndakomanga ariko mu gihe batarankingurira, haba hageze imodoka nziza kandi nshyashya irimo Rutabikangwa, se wa Karigirwa. Asohotse, mbona yarabyibushye cyane kuko ntamuherukaga. Byanteye kumubaza aho asigaye aba, ansubiza ko amaze icyumweru mu nama mpuzamahanga yaberaga muri Kenya.

Muri ako kanya Kabanyana, nyina wa Karigirwa aba aje kunsuhuza. Natunguwe no kubona yambaye igitenge gicikaguritse. Aransuhuza, asuhuje Rutabikwangwa aramwihorera. Nuko mubwira ikingenza ambwira ko nabona akanya azaza ku ishuri tukabiganiraho. Yahise amperekeza, tukigera ku bikingi by'amarembo, umwana wabo w'umuhungu wari wambaye ishati y'umutuku avuye kuvoma atubonye aza kudusuhuza ariko ntungurwa no kubona se nta rukumbuzi yari amufitiye nk'umubyeyi umaze icyumweru atari mu rugo.

Bukeye nzindukira ku kazi nk'uko byari bisanzwe ariko nkomeza kwibaza ku mibereho y'abo mu rugo kwa Rutabikangwa mbihuza n'imyitwarire nari nsigaye mbonana Karigirwa. Nkigera mu ishuri, mbona abanyeshuri benshi bahageze ariko mbura Karigirwa. Nyuma y'isaha nagiye kubona mbona Karigirwa arakomanze. Akinjira, mbona amaso yatukuye kandi adatuje na mba. Byanyanze mu nda mu gihe cy'akaruhuko ndamuhamagara ngo mubaze neza ikibazo afite.

Ntaragira icyo mubaza araturika ararira, ngerageza kumuhoza ngo menye intandaro y'imyifatire ye. Yarankundiye ambwira ko ibyo agiye kumbwira ari ibanga kuko se abimenye atamukira! Musezeranya ko ntazarimena. Yatangiye ambwira ko iwabo nta mahoro na make aharangwa kandi bimaze igihe. Ambwira ukuntu iryo joro bari baraye hanze nyina akubitwa ari cyo cyatumye akererwa kuko yatoye agatotsi mu gitondo se amaze kugenda. Antekerereza ko nyina yazize ko yari yasabye amafaranga y'abahinzi se akamubwira ko arambiwe gukorera abantu batagize icyo bamaze mu rugo. Yakomeje ambwira ko nyina ahingisha, akeza imyaka myinshi, yamara guhunika, se akazana imodoka iyitunda ntihagire na duke dusigara. Anansobanurira ko n'inka y'inzungu bari bafite, yabahaga amata na yo se yayigurishije. Ibyo byose bigatuma nyina ahora mu bukene ntabone ibyo kugaburira abana n'amafaranga yo kugura imyambaro.

Nyuma yo kumva ihohoterwa Kabanyana n'abana be bakorerwa na Rutabikangwa numva ntakwiye kubyihererana. Nshaka umwanya njya kureba umuyobozi w'umudugudu mugezaho icyo kibazo k'ihohoterwa rikorerwa abo mu rugo kwa Rutabikangwa. Akibyumva, yahise atumira Rutabikangwa na Kabanyana mu mugoroba w'ababyeyi, amenyesha n'ubuyobozi bwa porisi bwari hafi aho.

Insanganyamatsiko yaganiriweho muri uwo mugoroba w'ababyeyi ni "Twubahirize uburenganzira bwa muntu twamagana ihohoterwa rikorerwa mu ngo". Umuyobozi w'umudugudu yayituganirijeho ayivuye imuzi, nyuma umuporisi wari witabiriye iyo nama na we akurikiraho avuga ko abantu bahohotera abo bashakanye bagomba kujya bahanwa by'intangarugero. Kabanyana aho yari yicaye twumva araturitse ararize. Ikiganiro gihagarara gityo twihutira kureba ikimuriza. Nyuma yo kumuhoza yadusobanuriye nta cyo adukinze ku ihohoterwa Rutabikangwa amukorera we n'abana be. Abenshi mu bo twari kumwe baratungurwa kuko batari bazi ibibera mu rugo kwa Rutabikangwa.

Rutabikangwa wari wabuze aho areba, ahagurukana ikimwaro kinshi adusaba imbabazi twese, by'umwihariko umugore we Kabanyana. Atwizeza ko yasobanukiwe icyo uburenganzira bwa muntu ari cyo kandi ko azibukiriye kububangamira ahubwo akaba agiye kwita ku muryango we. Kabanyana aramubabarira, dushima umwanzuro mwiza Rutabikangwa afashe. Umuyobozi w'umudugudu asoza ikigaro adushishikariza kutazigera na rimwe duhishira amakimbirane yo mu ngo kuko bizana ingaruka nyinshi mu muryango. Ubu umuryango wa Rutabingwa na Kabanyana ni umuryango ntangarugero aho batuye.

### 3.4.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Rutabikangwa yisubiyeho", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure.*

| Ubu nshobora |
| --- |
| - Gusesengura no guhanga umuvugo nkoresha ikeshamvugo ritandukanye.<br>- Gukoresha mu nteruro no gutandukanya impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n' imbusane.<br>- Gusesengura amazina mbonera, ntera, amazina ntera n'ibisantera ngaragaza uturemajambo twabyo kandi nerekana amategeko y'igenamajwi yubahirijwe. |
| **Ubu ndangwa** |
| No kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu no gukangurira abandi kwirinda guhonyora uburenganzira bwa muntu. |

## III.8. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

### umwandiko: Umutego mutindi

Iribagiza yari umukobwa w'uburanga kavukire n'ubupfura bihebuje. Yarangwaga n'imyambarire itigana iya kizungu bikabije kuko we yikundiraga imyambaro gakondo, kandi agakunda ibara ry'idoma muri rusange. Ku murimo we wo kwakira abantu mu Kigo Ndangamuco yakoragamo, yashimwaga n'abantu bose.

Umunsi umwe yazindutse ajya ku kazi ke nk'uko byari bisanzwe. Akihagera, asanga umuyobozi we Gashyeke yahageze ari mu biro. Ni ko kumuhamagara, undi na we aramwitaba.

Akimugera imbere aratangira ati: "Ndagushimira ubwitange n'umurava byinshi bikuranga mu kazi, ku buryo nsanga uri umukozi w'indashyikirwa." Ubwo Gashyeke yabikoze agira ngo abone aho amuhera amwiyegereza bage bagirana ikiganiro kihariye buri gihe. Nyamara Iribagiza utari uzi ikibyihishe inyuma aramusubiza ati: "Murakoze kumbwira ibyiza mumbonaho mu kazi, nange nzakomeza kubabera umukozi mwiza ukorana umurava igihe cyose."

Nyuma y'igihe gito, shebuja Gashyeke amutumaho mu biro bye, ngo amuzamure mu ntera, kubera imikorere ye myiza. Amugira umwungiriza we wa hafi ngo age yakira ubutumwa bw'akazi bwose abe ari we ubusubiza. Ibyo byashimishije Iribagiza wumvaga ari byiza gushimirwa imyitwarire ye no kugirirwa ikindi kizere agahabwa inshingano nshya.

Ntibyatinze shebuja amutumaho nk'ibisanzwe ariko afite undi mugambi kuri we. Yari yarabuze aho yamuhera kuko yari azwiho ubwitonzi n'ukwiyubaha gukomeye kandi akubaha buri wese. Ubwo Gashyeke

amuhereza ibaruwa y'ubutumwa bw'akazi bwagombaga kumara iminsi itanu bari i Rubavu bombi. Iribagiza abwira ababyeyi be iby'ubutumwa bw'akazi yahawe kuko nta na rimwe yabahishaga gahunda ze z'akazi kubera ikizere yabagiriraga. Se abubonye agira amakenga.

Yahise ahamagara umuporisi bari baziranye wakoreraga i Rubavu kuzamukurikiranira umutekano w'umukobwa we nagera muri Serena Hoteri. Ibyo yabikoze mu ibanga atamenyesheje Iribagiza ndetse na nyina. Bageze kuri Hoteri bari bateguriwe gucumbikamo, Iribigiza ahabwa urufunguzo rw'icyumba yagombaga kuraramo. Nyamara ntiyari azi ko umuyobozi we Gashyeke yahawe n'abakozi ba Hoteri urundi rufunguzo rw'icyumba ke kugira ngo bimufashe kugera ku mugambi mubisha wo kumufata ku ngufu yari yateguye. Igicuku kinishye, Gashyeke aranyonyomba maze akingura buhorobuhoro icyumba cya Iribagiza. Yiroha mu buriri, aba yambuye iribagiza ikanzu yo kurarana y'umweru yari yambaye, ashaka kumufata ku ngufu, batangira kugundagurana ari nako Iribagiza ataka atabaza.

Umuporisi wari wasabwe gukurikiranira hafi umutekano w'Iribagiza, aba yumvise Iribagiza ataka, arira yihutira kujya kureba icyo abaye. Asaba abakozi ba hoteri gufungura icyo cyumba, batungurwa no gusanga Iribagiza arwana n'umuyobozi we ashaka kumufata ku ngufu. Bamwambika amapingu ndetse n'uwamufashije muri uwo mugambi na we atabwa muri yombi bashyikirizwa inzego zishinzwe guhana ibyaha by'ihohotera. Porisi yasize yihanangirije abakozi ba hoteri ko badakwiye guha icyuho abagizi ba nabi baba bashaka gukorera ibikorwa by'ihohoterwa mu macumbi yabo. Bongeraho ko uzafatwa azahanwa by'intangarugero.

Kuva ubwo Iribagiza yahise ashinga ihuriro rirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi riharanira kwimakaza umuco wo kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu muri rusange.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.**

***Subiza ibibazo bikurikira.***

1. Ni nde munyarubuga mukuru uvugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni iki cyateye Gashyeke kuzamura Iribagiza mu ntera nk'umukozi w'indashyikirwa?
3. Ni iki cyapfubije umugambi mubisha Gashyeke yari yateguye?
4. Ni izihe nsaganyamatsiko z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko? Sobanura mu nshamake buri nsanganyamatsiko.
5. Vuga muri make uburyo abahohotera abandi bashobora kushyira ubuzima bwabo mu kaga.
6. Ni iyihe nyigisho y'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?

## IV.1. Umwandiko: Tubifate neza



Ubuso bunini bw'isi bugizwe n'amazi. Amazi aza ku isonga mu byangombwa nkenerwa by'ibanze mu buzima bwa buri munsi bwa muntu. Akenerwa kandi mu mibereho y'inyamaswa, mu buhinzi, mu nganda, mu kuzamura ingufu z'amashanyarazi no mu bwikorezi.

Amazi turayanywa, turayatekesha, tuyifashisha mu isuku, yuhira imyaka, avamo n'ingufu z'amashanyarazi akoreshwa mu bikorwa binyuranye. Amazi kandi atuma twidagadura, yifashishwa mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu, akurura ba mukerarugendo bakadusigira amadovize akaba n'inturo y'ubwoko bumwe na bumwe bw'inyamaswa. Ibi byose ntibyaboneka ayo mazi adahari kandi asukuye.

Ibishanga ni byo soko y'amazi ariko ntabungabungirwa muri byo gusa. Kuyabungabunga bigomba gutangirira ku misozi aho dutuye kuko ni ho aturuka agana mu bishanga. Imigi itandukanye isohora amazi mabi cyane ava mu ngo n'ava mu nganda akubiyemo imyanda myinshi. Ayo mazi rero ntakwiye kurekwa ngo yirohe mu bishanga kuko aba agizwe n'ibintu byinshi byahumanya amazi yabyo. Ayo mazi akwiye kugenerwa aho yakusanyirizwa, akabanza gutunganywa akabona kongera gukoreshwa. Ikindi kandi ibishanga bikwiye gutunganywa kuko ari imwe mu ngamba zo kubungabunga amazi abirimo. Ibishanga bitunganyije birushaho kubyazwa umusaruro kandi n'amazi abirimo agafatwa neza ku buryo mu gihe izuba riba ryabaye ryinshi nko mu mpeshyi ya mazi yifashishwa mu kuvomerera imyaka.

Mu kubungabunga ibishanga muri rusange n'amazi by'umwihariko, hakenewe guterwa amashyamba ku buso bwagenwe kuko agira uruhare mu gutanga imvura ku gihe no gusukura ikirere. Ku misozi hakwiye gucukurwa imirwanyasuri ifata amazi y'imvura kugira ngo adatera isuri ikanduza imigezi n'ibishanga kandi dukeneye amazi abiturukamo. Ikindi kandi amazi yo ku mazu akwiye gufatirwa ingamba agashyirwa mu bigega agakoreshwa imirimo ikenera amazi menshi nk'ubwubatsi n'ibindi mu rwego rwo kunganira aba yamaze gutunganywa. Hari ubwo imiyoboro y'amazi ishobora kwangizwa n'ibindi bikorwa nko kubaka imihanda n'ibindi, amazi akameneka. Ni inshingano za buri wese kubimenyesha inzego zibishinzwe kuko iyo apfuye ubusa ntaba asubiraho ahubwo aba agabanuka kandi ejo azakenerwa.

Ku nkengero z'imigezi, inzuzi n'ibiyaga hakwiye guterwa ibiti nk'imigano n'ibindi byatsi bifasha gufata amazi no kurwanya isuri ishobora kwirohamo bityo igatuma imigezi isibwa n'isuri, amazi ayigize akagabanuka. Igikorwa cy'ubuhinzi butitaruye amazi na cyo kiri muri bimwe mu biyanduza bigatuma agenda agabanuka. Si byo gusa, isuri iturutse mu mirima n'ifumbire byiroha mu mazi bikaba intandaro y'amarebe; akaba ari ikimera gihumanya amazi ndetse kikanatuma ibiyaga bisibama. Ni ngombwa rero ko buri muturage amenya impamvu gusatira amazi ahakorera ibikorwa by'ubuhinzi atari byiza kuko biyangiza kandi ejo azayakenera mu kuvomerera ya myaka. Ni byiza gusiga ubuso butagira ikindi bukorerwaho hagati y'amazi ayo ari yo yose yaba ay'imigezi, inzuzi n'ibiyaga n'ubutaka bugenewe guhingwa.

Igabanuka, ibura ry'amazi meza ndetse no gukabya kuba menshi (isuri n'imyuzure), bituma habaho ingaruka zinyuranye mu mibereho y'abantu n'ibindi binyabuzima. Abantu benshi ku isi bapfa bazira kunywa amazi mabi abandi bakazira umwuma. Impiswi n'izindi ndwara ziterwa n'umwanda bizahaza abantu benshi kandi ari na bo babyikururiye.

Mu kwanzura, birakwiye ko amazi dufite tuyabungabunga kuko adufitiye akamaro kanini. Ntitwakwirengagiza ko tuyakenera mu ngeri nyinshi z'ubuzima ndetse no mu bikorwa byacu. Amazi tuyifashisha mu gutunganya ibidutunga, mu isuku y'aho dukorera, aho dutuye n'ibindi. Ntawabona icyo ayanganya. Turusheho kuyabungabunga tuyarinda ibyayangiza ndetse duharanira isuku yayo kuko ni ryo pfundo ry'ubuzima. Utayafashe neza yaguteza ingaruka zishobora no kuganisha ku rupfu. Tumenye ko ari ngombwa ariko nanone tumenye ko ashobora kuba isoko y'ingorane aho ashobora kuba nk'intandaro y'imyuzure, isuri n'indwara zitandukanye, kandi byose bituruka ku bikorwa bya muntu iyo yirengagije ko kuyabungabunga ari iby'ibanze.

ishuri ryabo bize ko yaba amashyamba ya Leta, yaba ay'abaturage ku giti cyabo nta muntu ugomba kuyasarurura uko yiboneye atabiherewe uburenganzira. Yakomeje amubwira ko buri muntu wese agiye asarura amashyamba uko yiboneye, imisozi imwe n'imwe yajya isigara yambaye ubusa bikaba intandaro y'isuri.

Kanyandekwe wari umaze kuryoherwa n'ibisobanuro bya Bugingo, yarambitse umuhoro we hasi, amusaba gukomeza kumubwira ibyiza byo kubungabunga amashyamba.

Gatesi ntiyaretse Bugingo akomeza kumusobanurira wenyine na we avuga ko amashyamba atuma duhumeka umwuka mwiza, ari intaho y'inyoni z'amoko anyuranye, udusimba n'udukoko. Yasoje avuga ko ari ngombwa gutera amashyamba mashya no kuvugurura asanzwe kandi ko aterwa agomba kuruta ubwinshi asarurwa aka ya mvugo igira iti: «Nutema kimwe, uge utera bibiri».

Kanyandekwe yashimiye cyane Gatesi na Bugingo agira ati: "Bana bange burya koko 'Gusaza ni ugusahurwa', hari amakuru menshi mumbwiye ntari nzi. Uhereye none sinzongera guhirahira ntema ibiti byaba ibyange cyangwa ibya Leta bitarageza igihe cyo gusarurwa. Mukomeze mwige neza kandi muge muhugura abandi". Abasezeraho barataha.

### 4.5.1. Gusoma no gusobanura umwandiko

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Bamugiriye inama", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwadiko wifashishije inkoranyamagambo.*

### 4.5.2. Gusoma no kumva umwandiko

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Bamugiriye inama" usubize ibibazo byawubajijweho.*

1. Gatesi na Bugingo bari bavuye he?
2. Ni ikihe gikorwa Gatesi na Bugingo basanze Kanyandekwe akora?
3. Ni izihe ngaruka zo gusarura amashyamba mu kajagari?
4. Ni akahe kamaro k'amashyamba kavugwa mu mwandiko?
5. Ni ubuhe buryo buvugwa mu mwandiko bwafasha mu kongera amashyamba.

## IV.7.Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Himba umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ivuga ku kubungabunga ibidukikije ugende ugerageza gushyiramo ibinyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka. Ca akarongo kuri ibyo binyazina hanyuma ubishakire uturemajambo ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.

| **Ubu nshobora** |
|---|
| - Gusesengura no guhanga imyandiko y'ubwoko butandukaye (umwandiko ntekerezo, mbarakuru, mvugamiterere, mbugamateka na nsesengurabumenyi.)<br>- Gukoresha mu nteruro no gutandukanya ibinyazina ngenera, ibinyazzina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka.<br>- gusesengura ibyo binyazina byose ngaragaza uturemajambo twabyo kandi nerekana amategeko y'igenamajwi yubahirijwe. |
| **Ubu ndangwa** |
| No kubungabunga ibidukikije no kugira inama abashaka kubyangiza kugira ngo babifate neza. |

## IV.8. Isuzuma risoza umutwe wa kane

### Umwandiko: Ngutembereze u Rwanda

U Rwanda ruri mu bihugu byiza muri Afurika bifite ahantu henshi nyaburanga. Iyo tuvuga ahantu nyaburanga tuba tuvuga aho wasura ukagubwa neza, ukaruhuka witegereza ibidukikije byaba arikaremano cyangwa ibyahanzwe na muntu.

Hari ahantu henshi watemberera ariko turavuga habiri gusa ari ho: ku kiyaga cya Kivu ndetse no muri Pariki y'Ibirunga.

Ikiyaga cya Kivu ni ikiyaga kiruta andi mazi yose y'u Rwanda.Giherereye mu Ntara y'Uburengerazuba bw'u Rwanda.Iyo uhatembereye wihera ijisho ayo mazi atagira uko asa atanga akayaga keza n'abasare batwara amato akoze ku buryo bwa gakondo. Ikindi kandi hari inyoni ziteye amabengeza: Ibishuhe byambuka byoga mu mazi magari,imisambi isokoza amasunzu yayo, igatanda amababa yayo mu bishanga byo hafi aho, naho umwami w'abarobyi ari we Nyiramurobyi aba yibereye ku nkombe nk'umutako.

Mu nkengero zacyo hari imigi itatu yubatse mu turere dutatu ari two: Rubavu, Karongi na Rusizi. Iyo migi ihuzwa n'umuhanda mwiza uzengurutse icyo kiyaga, ugaca ku mirima ihinzemo imyaka no mu mashyamba atoshye. Uwugendamo aba areba amazi y'urubogobogo yo mu kiyaga cya Kivu. Gukorera urugendo muri uwo muhanda ni zimwe mu ngendo nziza waba ukozemuri Afurika. Gusa hari n'ingendo z'amato zihuza iyo migi itatu.

Rubavu ari na wo mugi urusha amajyambere iyo migi yindi y'ubukerarugendo, wibereye hafi ya Pariki y'Ibiruga ku buryo kujyayo uturutse muri iyo Parikibitwara igihe gito kiri munsi y'isaha ku modoka. Uwo mugi uherereye ku nkengero z'umucanga, ukikijwe n'imikindo ihuhera hamwe n'amahoteri yubatswe kera byerekana ishusho y'ikirere kiri hafi y'imirongo ngengamirasire koko. Umugi wa Karongi na wo wubatse ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu, ba mukerarugendo bagezeyo bahasanga amacumbi agezweho yubatse ku nkengero z'icyo kiyaga, no ku misozi myiza iteye amabengeza.

Umugi w'Akarere ka Rusizi wo utandukanye n'iyo ya mbere. Uri hafi y'ishyamba rya Nyungwe. Aho ubukerarugendo butandukanye bwateye imbere bitewe n'imiterere yaho. Hari ikiraro cyo mu kirere, utudendezi tw'amazi twiganje mu bibaya n'inyamaswa z'amoko anyuranye ziba muri iryo shyamba.

Pariki y'Ibirunga ni imwe mu mapariki ane y'u Rwanda, iherereye mu Burengerazuba bw'Amajyaruguru y'u Rwanda ihana imbibi na Pariki nkuru y'Ibirunga y'igihugu cya Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo ndetse n'iya Uganda.

Aka gace gakikijwe n'urusobe rw'ibirunga nka Karisimbi, Muhabura, Gahinga, Sabyinyo, na Bisoke. Aha hantu nyaburanga kandi hakunze kuba harangwa n'imvura, amashyamba, n'imigano. Ikirunga gisumba ibindi ni Karisimbi kikaba gifite metero 4,507 z'ubutumburuke.

Amakuru dukesha "nkuringowalkingsafaris.com" avuga ko iyi Pariki y'Ibirunga yatangijwe mu mwaka wa 1925 ni nayo yabayeho bwambere muri Afurika. Igitangira yatangiye ari ntoya kandi yari ikikijwe n'ibirunga bitatu aribyo Karisimbi, Bisoke, na Mikeno, iyi Pariki kandi yari yatangijwe mu rwego rwo kurinda ingagi ba rushimusi bazihigaga mu buryo butemewe n'amategeko.

Mu mwaka wa 1929 yaje kwaguka igera mu Rwanda, ivuye mu cyari Kongo-Mbirigi, icyo gihe yitirirwa Albert, arinawe wari wayishinze. Icyo gihe rero yari mu maboko y'Abayobozi b'abakoroni b'Ababirigi. Yongerewe ubunini kuko yahise ifata ubutaka bw' u Rwanda ndetse na

Kongo Mbirigi ariyo Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo uyu munsi. Icyo gihe iyi pariki yahise igira ubuso bungana na 8090 $km^2$ , ibyo byakozwe mu rwego rwo kuyihinduramo Pariki Albert yacungwaga n'abakoroni b'Ababirigi

Nyuma y'uko Kongo ibonye ubwigenge mu 1960 ndetse n'u Rwanda rukabubona mu 1962, Pariki y'Igihugu y'Ibirunga yahise icikamo ibice bibiri, buri gihugu kigira agace gicunga. Ku ruhande rw'u Rwanda iyo pariki yahise itangira kugabanuka ubunini kuko abaturage batangiye kuyisatira bashaka aho gutura no guhinga.

Mu mwaka wa 1967 Dian Fossey impuguke mu by'ubumenyi bw'inyamaswa ikomoka muri Amerika ihahindura ahantu nyaburanga ndetse aza no kuhashinga ikigo cy'Ubushakashatsi kizwi ku izina rya (Karisoke Research Center) maze ashishikariza cyane amahanga gukora byinshi mu kwita ku ngagi zo mu misozi miremire zabonekaga muri iyi Pariki.

Kubera kwita cyane kungagi byaje gutuma habaho umutekano wazo ndetse ba rushimusi arabahashya ariko nyuma aza kwicwa n'umuntu utaramenyekanye amusanze iwe mu mwaka wa 1985, bakaba baratekereje ko ari umwe muri ba rushimusi.

Iyi Pariki yaje guhinduka indiri ndetse n'ibirindiro by'abarwanyi nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994 maze ibikorwa by'ubukerarugendo birahagarara nyuma bizakongera gutangizwa mu mwaka wa 1999.

Iyi pariki kandi igizwe n'urusobe rw'ibinyabuzima binyuranye birimo ibimera bigenda bihinduka bitewe nuko uburebure bw'ibirunga nabwo bugenda buhinduka.

Pariki y'ibirunga yagiye imenyekana cyanecyane bitewe n'ingagi n'izindi nyamanswa z'inyamabere, ni ukuvuga izororoka zidateye amagi zirimo inguge z'ishyamba, imbogo, n'ingwe, nubwo zidakunze kubonekayo, ndetse hari n'amoko y'inyoni z'amoko agera ku 178.

Ingagi nizo zisurwa cyane muri iyi Pariki.Abajya kuzisura begera ababishinzwe maze bakabayobora. Batangirira urugendo ku kicaro k'iyi Pariki mu Kinigi. Ku munsihashobora kuboneka nibura ba mukerarugendo bagera kuri 56, kandi urugendo rumara nibura isaha imwe.

Ibiciro byo gusura bihinduka bitewe n'aho uturuka: Umunyamahanga, umunyamahanga utuye mu Rwanda, Umunyarwanda, uturuka mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Uburasirazuba, uhakomoka utuye mu Rwanda, Umunyeshuri n'ibandi.

Ushobora gusura kandi n'imva y'Umunyamerikakazi Dian Fossey wari impuguke mu by'ubuzima bw'inyamaswa wanagize uruhare rudasubirwaho mu mibereho y'iyi Pariki. Kuhagera ukoresha iminota 30 uturutse mu Kinigi.

Ngo inkuru mbarirano iratuba nawe uzaze wirebere ibyiza bitatse u Rwanda.

https://igihe.com/ubukerarugendo/ahantu-nyaburanga/pariki-y-ibirunga-icumbikiye-ingagi-iteye-ite'

**I.Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

5. Ni iki ikiyaga cya Kivu kirusha ibindi biyaga byo mu Rwanda?
6. Vuga uturere dukora ku kiyaga cya Kivu twavuzwe mu mwandiko.
7. Erekana urusobe rw'ibinyabuzima dusanga mu mwandiko
8. Dian Fossey uvugwa muri uyu mwandiko ni muntu ki? Ni irihe zina Abanyarwanda bari baramuhimbye ukurikije amakuru waba warumvise cyangwa wasomye ahantu hanyuranye?
9. Uhereye ku mwandiko urabona ko ibidukikije bifite akamaro kanini cyane. Garagaza akandi kamaro k'ibidukikije katavuzwe mu mwandiko.
10. Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo mu buzima busanzwe?

**II.Ikibazo k'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije ibisobanuro afite mu mwandiko nurangiza uyakoreshe mu nteruro wihimbiye.

a) Inkengero

b) Amabengeza

c) Ibishuhe

d) Indiri

e) Gusatira

## V.1. Umwandiko: Kwirinda biruta kwivuza



Scanned with CamScanner

Ku wa Gatandatu wa nyuma wa buri kwezi uba ari umunsi w'umuganda mu Gihugu hose. Ku wa gatandatu wa nyuma w'ukwezi kwa Nyakanga, abaturage bo mu Mudugudu wa Munanira bazindukiye mu muganda nk'uko bisanzwe, basibura imiyoboro y'amazi iri mu mudugudu wabo. Umuganda urangiye umuyobozi w'umudugudu abasaba kwicara hamwe ngo umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu kagari kabo abagezeho ikiganiro yari yabateguriye.

Bakimara kwicara, ushinzwe imibereho myiza yarahagurutse abaturage bose bamwakira nk'intore bishimye. Yatangiye agira ati: "Baturage mutuye mu Mudugudu wa Munanira, nongeye kubasuhuza, nimugire amahoro! Niba nibuka neza maze kubasura inshuro eshatu cyangwa enye muri iki gikorwa cy'umuganda tukaganira ku nsanganyamatsiko zinyuranye. N'uyu munsi rero nyuma y'iki gikorwa cy'umuganda cyari cyaduteranirije hano, ndagira ngo mbamenyeshe ko nateguye kubaganiriza ku nsanganyamatsiko igira iti: "Dusobanukirwe zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda, dufatanye kuzirwanya. Nkaba nifuza ko ntakwiharira ijambo ahubwo ko twakungurana ibitekerezo kuri izo ndwara ndetse n'ingamba twafata ngo tuzikumire mu mudugudu wacu."

Nyuma yo kuvuga insanganyamatsiko y'ikiganiro yateganyije n'uburyo kiri bukorwemo, yakomeje abaza abaturage umwe ku wundi icyo indwara ziterwa n'umwanda ari cyo. Abaturage bamwe bavuze ko ari indwara ziterwa no kurya ibiribwa bihumanye, abandi bavuga ko ari indwara ziterwa n'isuku nke ndetse hari n'abavuze ko ari indwara ziterwa no

kurya ibiribwa cyangwa gukoresha ibikoresho bitujuje ubuziranenge. Yabashimiye ibitekerezo byiza batanze ababwira ko ikindi yongeraho ari uko indwara ziterwa n'umwanda zituruka ku kurya ibiribwa cyangwa kunywa ibinyobwa bidafite isuku. Zishobora kandi guterwa no kutagira isuku y'umubiri, iy'aho dutekera, ay'aho turara, iy'imyambaro n'ibindi.

Yakomeje avuga ko mu ndwara ziterwa n'umwanda harimo impiswi, macinya, inzoka zo mu nda zinyuranye n'izindi. Aha yatanze urugero avuga ko iyo tutagiriye isuku ibiribwa turya n'amazi tunywa cyangwa iyo tudakaraba intoki mbere kurya cyangwa tuvuye mu bwiherero bitwanduza zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda. Hari kandi indwara ziterwa n'umwanda ziterwa no kutagirira isuku umubiri wacu cyangwa imyambaro. Kutagirira isuku umubiri wacu bishobora kuba imvo n'imvano y'indwara ziterwa n'umwanda zinyuranye. Urugero nko kudasukura mu kanwa bishobora gutera indwara zinyuranye z'amenyo, kudasukura imyanya ndangagitsina bishobora kuba intandaro y'indwara zimwe na zimwe zifata muri iyo myanya nk'inzoka ya tirikomunasi, ubwandu bw'imyanya ndangagitsina... Kudakaraba buri munsi, kutambara imyenda imeshe, kutaryama mu bintu bisukuye bishobora gutera indwara nk'ubuheri n'ise. Isuku y'aho tuba na yo ni ingenzi. Aho tuba, aho turara tutahagiriye isuku buri munsi bishobora gutera inda ku mubiri cyangwa bigakurura imbaragasa zitera amavunja.

Indwara ziterwa n'umwanda zigira ingaruka nyinshi haba ku muntu ndetse no ku gihugu muri rusange. Ziravurwa zigakira ariko ibyiza ni ukuzirinda aka wa mugani ugira uti: "Kwirinda biruta kwivuza." Aha yakomeje agira ati: "Mushobora kumbaza muti: 'Ni izihe ngamba twafata kugira ngo tuzirwanye?' Ni uruhe ruhare rwacu mu kuzikumira? Ni ubuhe buryo twakoresha ngo tuzikumire?" Yakomeje agira ati: "Mwa baturage mwe 'amagara arasesekara ntayorwa'. Uburyo bworoshye bwo gukumira indwara ziterwa n'isuku nke ni ukugirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa. Urugero mbere yo guteka ibiribwa, tugomba kubisukura kandi tukanywa amazi atetse yabitswe mu kintu cyogeje. Ikindi kandi tugomba kurya ibiribwa bifite ubuziranengendetse tukanywa amazi afite ubuziranenge. Tugomba na none gukoresha ibikoresho bisukuye, tukagirira isuku umubiri wacu n'aho tuba. Ibyo nitubikora buri munsi tuzaba dukumiriye indwara ziterwa n'umwanda bitume duhorana ubuzima buzira umuze."

Mu gusoza, umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu mudugudu, yavuze ko indwara ziterwa n'umwanda zitera imfu z'abantu. Abasaba gusenyera umugozi umwe ngo bazirwanye bivuye inyuma ntihabemo ba ntibindeba. Abasaba kandi ko uwo zagaragayeho yajya yihutira kujya kwa muganga kugira ngo ukurikiranwe amazi atararenga inkombe

**Ingero**:

- **Yewe wa** mwana **we**, urajya he?
- **Wa** mwana **we**, watashye ko bwije!
- **Mwa** banyeshuri **mwe**, ntimugasibe ishuri.

**Umwitozo**

Erekana ibinyazina mpamagazi biri muri izi nteruro unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe

a) Ese wa mubyeyi yaraye abyaye mwa bagabo mwe?


b) Kandi wa nyoni we uzarya n'ibitaribwa!

## V.3. Imyitozo y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Ugendeye ku gisobanuro cy'umugani mugufi "Amagara arasesekara ntayorwa", andika umwandiko mbarankuru utarengeje imirongo nibura mirongo ine, uvuga ku nsanganyamatsiko wihitiyemo yo kubungabunga ubuzima kandi uwugaragazemo nibura ibinyazina bitanu mu byo twize ubisesengure ugaragaza intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

| **Ubu nshobora:** |
|---|
| - Gusesengura umwandiko ngaragaza ingingo ziwugize no gukoresha neza amagambo nungutse mu nteruro.<br>- Gusobanura indwara ziterwa n'umwanda n'uburyo bwo kuzirinda.<br>- Gutahura, gukoresha mu nteruro ndetse gusesengura ibinyazina mbanziriza, ndafutura, mbaza, nyamubaro, mboneranteko na mpamagazi. |
| **Ubu ndangwa:** |
| N'isuku kugira ngo ntandura indwara ziterwa n'umwanda.<br>Gushishikariza abandi kugira isuku aho bari hose. |

## VI.1. Umwandiko: Ikoranabuhanga ryaragikemuye.



Ikoranabuhanga rigaragarira mu nzego nyinshi z'imirimo. Rikoreshwa mu kunoza no kwihutisha ubushakashatsi, itumanaho, imitunganyirize y'imirimo itandukanye bityo bikihutisha iterambere uko bwije n'uko bukeye.

Abasheshe akanguhe kimwe n'abandi badutanze kubona izuba, bavuga ko Abanyarwanda bo hambere bari bafite ubumenyi bwo kwirwanaho ngo babone ibyo bakeneye nk'umuriro, ibikoresho binyuranye, kwivura indwara n'ibindi. Si ibyo gusa, bashoboraga no gutumanaho bakoresheje uburyo bunyuranye burimo gutuma intumwa, umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe kuko za murandasi, iradiyo, terefone, ibaruwa n'ibindi nk'ibyo bitababagaho.

Vuba aha, aho abazungu badukaniye ibibiriti, imyenda ikorerwa mu nganda, itumanaho rikoresha ibyuma bikoranye ubuhanga buhanitse, ibikoresho n'imiti byo mu mahanga, Abanyarwanda ntibakita ku bumenyi bari basanganywe. Ntibongeye gutekereza kwihamurira umuti w'ishyamba cyangwa ngo birwaneho bakoresheje uburyo gakondo. Ntibongeye guhugira mu bya kera ahubwo batangiye kujyana n'iterambere rifitiye Igihugu akamaro, bibafasha gutera intambwe bivana mu bukene.

Kubera umwete yakurikiranaga amasomo ye, byatumaga agira amanota y'indashyikirwa. Iwabo bamuguriye mudasobwa akajya ayifashisha mu kongera ubumenyi n'ubushobozi mu ikoranabuhanga n'itumanaho byunganira ibyo yigira mu ishuri.

Ntibyatinze ikizamini cya Leta kiraza maze si ukugitsinda arakihanangiriza. Ahabwa ishami ririmo ikoranabuhanga n'itumanaho. Icyo kiciro yakiganye umwete n'ikinyabupfura bidasanzwe rwose nuko na cyo akinywa nk'unywa amazi, maze akirangizanya amanota y'agahebuzo yo ku rwego rwo hejuru. Ahabwa umwanya muri kaminuza y'ikoranabuhanga n'itumanaho maze si ukubicukumbura abiva imuzingo. Ibi byamuhesheje amahirwe yo gukomerezaho kwiga ishuri ry'ibijyanye no gutwara indege.

Uko agenda arushaho kubiminuza, mu mashuri yo mu Rwanda n'ayo hanze, yageze ku rwego rwo gutwara ndetse no gukanika indege.

Uwo mwuga yawukoranye ubushake n'ubwitange, bituma abantu benshi bafite imirimo ikoreshwa ikoranabuhanga n'itumanaho bamuhundagazaho ibyo abakorera. Ikinyabupfura ke kandi cyamuhesheje gukora ubukwe bwiza, arushingana n'umusore bahuje imico bamenyaniye muri iyo mirimo y'ikoranabuhanga n'itumanaho. Ibi byabahesheje amafaranga menshi ku buryo bageze no ku rwego rwo kwigurira indege zikora umurimo wo gutwara abantu mu rwego mpuzamahanga. Mu bwubahane bushingiye ku buringanire n'ubwuzuzanye ubu we n'umuryango we baratengamaye babikesha ikoranabuhanga n'itumanaho.

### I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora abanyarubuga bagaragara mu mwandiko.
2. Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wawo werekana isano bifitanye.
3. Wifashishije umwandiko sobanura uko Uwineza yagaragaje ubutwari.
4. Erekana insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayigereranye n'uko bimeze mu Gihugu cyacu muri iki gihe.
5. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
6. Ni iki washima Uwineza?


Wivunika ingaruka nazikubwira: umwana unywa ibiyobyabwenge ntatsinda mu ishuri, byongeye ananira ababyeyi. Ibyo ni byo biri kuba kuri Cyuzuzo wange. Ubu narashobewe gusa ge nk'umubyeyi nta cyo ntakoze ngo muhe uburere bukwiye...
Ndmva koko ubizi
Uburere wamuhaye ntibuhagije n'ubu akuze akeneye izindi nama!
Urakoze Nyiraruku... Gusa ndagerageza nge n'umutware tumugire inama.
Ku munsi wa gatatu kuva Gakwaya yahemukirwa, yagiye kuri porisi kuvuga ikibazo ke.
Ikibazo cyange ni icy'urugomo abana bankoreye. Barankubise, banyambura n'amafaranga ibihumbi makumyabiri. Nifuza ko mwandenganura, mukabakurikirana.
Humura muzeee! Ibyo bikorwa by'urugomo akenshi biterwa no kunywa ibiyobyabwenge. Twahagurukiye kubirwanya amaherezo bazafatwa bakanirwe urubakwiye. Igendere utuze ikibazo cyawe kizakemuka.


Umukuru w'Umudugudu wa Rwanzekuma n'abaturage bari mu nama. Baganira ku ngaruka z'ibiyobyabwenge n'uko byakwirindwa.
Nyakubahwa Muyobozi, uwakwereka uko bankubise. Ibiyobyabwenge! Ahaaa! Bigiye kudusiga iheruheru...
Uwange we asigaye ananyiba amafaranga ntabizi akajya kunywa inzoga.
Inama irangiye, Gatabazi asigara aganira n'umukuru w' umudugudu.
Ikindi kibazo giteye inkeke n'abakobwa basigaye banywa ibyo bitsindwagasani.
Tuributsa ababyeyi ko mufite uruhare runini rwo kuganiriza abana banyu ku bubi bw'ibiyobyabwenge ndetse mugafatanya n'abarezi babo ku ishuri.


Amategeko azabahana kuko mwakoze ibikorwa bitemewe n'amategeko.
Cyuzu, ndafunzwe kubera kugira nabi no kunywa ibiyobyabwenge? Ibya Gakwaya nibiduhama uburoko ntituzabuvamo!
Ni ge Barihima bavuze. Ababyeyi sinzi aho nzabahera mbasaba imbabazi. Gusa iza Nyagasani zo ndazikwiye.
Amategeko arabahana.
Twakoze ibibi byinshi, ariko rwose turasaba imbabazi. Mutubabarire irya none ntituzongera pe!
Simbeshyera ababyeyi, nta ko batangize. Ni ukutumva kwange.
Urwishigishiye ararusoma kandi nyamwanga kumva ntiyanze no kubona!
Twakoze ibikorwa bitemewe n'amategeko. Ariko rwose nimuce inkoni zamba ntituzongera.

- **Umusozo –yi**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Abasetsi (guseka) | a-ba-sek-yi | k+y→ts |
| Umukinnyi (gukina) | a-ba-kin-yi | n+y→nny |
| Umudozi (kudoda) | u-mu-dod-yi | d+y→z |
| Inkezi (gukera) | i-n-ker-yi | r+y→z |
| Umutesi (guteta) | u-mu-tet-yi | t+y→s |
| Umubaji (kubaza) | u-mu-baz-yi | z+y→j |

- **Umusozo –i**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Abasyi (gusya) | a-ba-se-i | e→y/-J |
| Umunnyi (kunnya) | u-mu-ne-i | e→y/-J; n+y→nny |
| Umuryi (kurya) | u-mu- ri-i | i→y/-J |
| Umunywi (kunywa) | u-mu-nyo-i | o→w/-J |
| Injiji (kujija) | i-n-jij-i | Nta tegeko. |
| Abahigi (guhiga) | a-ba-hig-i | Nta tegeko. |
| Injishi (kujisha) | i-n-jish+i | Nta tegeko. |

- **Umusozo –e**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Uburere | u-bu-rer-e | Nta tegeko. |
| Umukire | u-mu-kir-e | Nta tegeko. |
| Umuneke | u-mu-nek-e | Nta tegeko. |
| Umubumbe | u-mu-bumb-e | Nta tegeko. |
| Ubuhinge | u-bu-hing-e | Nta tegeko. |
| Amakare | a-ma-kar-e | Nta tegeko. |
| Indonke | i-n-ronk-e | r→d/n- |

- **Umusozo –o**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Imvugo | i-n-vug-o | n→m/-v |
| Urusyo | u-ru-se-o | e→y/-J |
| Indyo | i-n-ri-o | r→d/n-; i→y/-J |
| Indabo | i-n-rab-o | r →d/n- |
| Urukundo | u-ru-kund-o | Nta tegeko. |
| Uruboho | u-ru-boh-o | Nta tegeko. |
| Intaho | i-n-tah-o | Nta tegeko. |

- **Umusozo –a**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Amataha | a-ma-tah-a | Nta tegeko. |
| Umuranga | u-mu-rang-a | Nta tegeko. |
| Umugaba | u-mu-gab-a | Nta tegeko. |
| Amakenga | a-ma-keng-a | Nta tegeko. |
| Amakuka | a-ma-kuk-a | Nta tegeko. |
| Amatora | a-ma-tor-a | Nta tegeko. |

- **Umusozo –u**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Inyungu | i-n-ung-u | n→ny/-J |
| Igihemu | i-ki-hem-u | k→g/-GR |
| Ingemu | i-n-gem-u | Nta tegeko. |
| Ubwandu | u-bu-and-u | u→w/-J |
| Umutuku | u-mu-tuk-u | Nta tegeko. |

**Ikitonderwa**: Iyi misozo y'ikomorazina mvanshinga ishobora no gukorana n'inshinga zifite ingereka.

## Imyitozo

1. Garagaza itandukaniro riri hagati y'inyandiko nyemvugo n'inyandiko isanzwe.
2. Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.
   a) Umugati
   b) Abana
   c) Inyama
   d) Ishuri
   e) Ubushyuhe

3.Ukoresheje ingero erekana ko /i/ na /a/, / t/ na /k/ ari amajwi shingiro.

## VIII.4 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

1. Hanga umwandiko usobanura mu buryo burambuye aho umugani "**Wima amaraso Igihugu imbwa zikayanywera ubusa**" uhuriye no gukunda Igihugu.
2. Tahura mu mwandiko wahanze amagambo atanu afite amajwi y'inyabumwe gusa maze uyandike mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.

| **Ubu nshobora:** |
| --- |
| - Gusesengura imyandiko itandukanye ivuga ku nsanganyamatsiko yo gukunda Igihugu.<br>- Gusobanura uko ibikorwa byo gukunda Igihugu ari ingirakamaro mu iterambere.<br>- Kwandika mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo amagambo arimo amajwi y'inyabumwe. |
| **Ubu ndangwa no:** |
| Kwitabira no gushishikariza abandi ibikorwa byo gukunda Igihugu cyange mparanira kugiteza imbere. |

## VIII.5 Isuzuma risoza umutwe wa munani

**Umwandiko: Ubufatanye bwaduteje imbere**

Mu minsi ishize, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwiza yasuye abaturage b'Akagari ka Rebero ngo arebe aho bageze bashyira mu bikorwa gahunda za Leta zirimo umuganda n'ubudehe. Hari mu gikorwa cy'umuganda, yifatanya na bo mu guhanga umuhanda uhuza imidugudu ibiri yo muri ako kagari.

Ageze muri uwo muganda, yasanze abaturage barakataje mu bikorwa byo kwiteza imbere. Yiboneye uburyo ibikorwa by'umuganda babigize ibyabo bikaba bimaze gushinga imizi no kubageza ku bukungu n'imibereho myiza. Imihanda y'imigenderano yakwiriye mu midugudu yose. Abaturage bagize uruhare rufatika mu guhanga imihanda ibafasha kugenderana no kugeza umusaruro wabo ku masoko nta nkomyi. Bacukuye kandi ibirometero by'imiyoboro y'ibitembo bibagezaho amazi meza n'imiringoti yo kurwanya isuri. Yasanze barateye n'amashyamba kandi bayafata neza. Bubatse ibyumba bihagije by'amashuri y'uburezi bw'ibanze n'ibindi.

Umuganda urangiye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwiza yakoranye inama n'abaturage. Yatangiye abashimira ibyo bamaze kugeraho yiboneye imbona nkubone. Yababwiye ko yanejejwe cyane no kubona uruyange rw'ibishyimbo bya mushingiriro, ibirayi by'imishishe bihinze mu mirima migari kubera gahunda yo guhuza ubutaka. Yanashimye kandi ibikorwa by'amakoperative y'ubworozi bw'inka za kijyambere n'andi matungo ndetse n'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto zinyuranye, nk'amashu, karoti, inanasi, amapapayi n'izindi.

Mu kiganiro ke n'abaturage b'Akagari ka Rebero, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwiza, yagarutse ku gikorwa cy'ubudehe, nka kimwe mu bikorwa bigaragaza gukunda Igihugu. Yatangiye agira ati: "Nk'uko bizwi, ubudehe ni gahunda idashingiye ku nkunga yo hanze. Ni imwe muri gahunda za Leta y'u Rwanda igamije kurwanya ubukene bishingiye ku ihame ry'ibikorwa umuturage afitemo uruhare. Ndabashimira rero ko nasanze iyo gahunda imaze kubageza ku ntambwe ishimishije, kuko benshi muri mwe yabakuye mu bukene ku buryo bugaragara."

Abaturage bamugaragarije ko iyi gahunda yo gufashanya mu gukemura ibibazo yahozeho no mu mateka y'u Rwanda. Mu muco nyarwanda, na kera na kare, nk'iyo abaturanyi babonaga hari bamwe muri bo bagiye kurara ihinga, bajyaga umugambi, uyu munsi bagahingira naka, ejo bakajya kwa runaka, bagahetura ubuhinge. Bityo ntihagire uba nyakamwe ngo yimarize, igihe kirinde kimurengana agikukuza wenyine. Haba n'igihe yabengeraga bakaza kumuhingira ubudehe maze ubuhinge bagatamanzura bityo ntarare ihinga akazereza rimwe n'abandi.

Baganira ku by'ubudehe muri iki gihe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yashimishimijwe n'uko abaturage bo mu Kagari ka Rebero basobanukiwe neza ko ubudehe ari gahunda ya Leta igamije kuzamurira abaturage icyarimwe mu nzego zose z'imibereho ntawusigaye inyuma. Abaturage bahurira hamwe mu nama maze buri wese agahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo ku ngamba zo guteza imbere umudugudu wabo. Ibi kandi bikorwa mu bwubahane ntawurogoya undi cyangwa ngo hagire uniganwa ijambo.

Bakomeje bavuga ko iyo bamaze gutahura ibikenewe, babitondeka bakurikije uburemere bwabyo cyangwa se ibyihutirwa kurusha ibindi, bakabisesengura maze bakabifataho umwanzuro. Iyo bigaragaye ko hari abaturage bakennye kurusha abandi barabemeza, bakabaheraho babagenera inkunga ibafasha kwivana mu bukene. Ku bindi bibazo bibugarije muri rusange, na byo babitondeka bahereye ku biremereye cyangwa se byihutirwa kurusha ibindi maze bakagena uburyo bagomba kubikemura. Ibi bituma abaturage bose bashobora kwiteza imbere ntawusigaye inyuma.

Nyuma yo kuganira n'abaturage b'Akagari ka Rebero, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakoranye inama n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'utugari n'Abakuru b'imidugudu bigize Umurenge wa Bwiza. Bari bateguye ko inama igomba kubera mu cyumba k'inama cy'Akagari ka Rebero. Amaze kureba ko umubare wa ngombwa uhari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yifurije ikaze abitabiriye inama maze atangiza inama abagezaho ingingo bari buganireho. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Rebero yayibereye umwanditsi kugira ngo azakore inyandiko mvugo. Ingingo zose zari ku murongo w'ibyigwa zaganiriweho kandi bagenda bafata umwanzuro kuri buri ngingo. Buri wese wasabye ijambo yararihawe. Uwashakaga gutana baramukeburaga bakamugarura mu murongo mu bwubahane. Ntawafataga ijambo atarihawe cyangwa ngo hagire urogoya undi cyangwa se ngo yiharire umwanya w'ijambo.

Ingingo zose bamaze kuzihetura no kuzifataho imyanzuro, umuyobozi w'inama yayishoje yongera gushimira abaturage b'Umurenge wa Bwiza muri rusange n'ab'Akagari ka Rebero by'umwihariko, anashishikariza Abanyamabanga Nshingwabikorwa gukangurira abaturage bayobora gukomeza kwitabira gahunda y'umuganda n'ubudehe. Yashoje inama agira ati: "Gahunda y'umuganda n'ubudehe bifite uruhare runini mu guteza imbere Umunyarwanda. Ni ngombwa gukomeza kwitabira izo gahunda nta kuzuyaza, nta kwiganda, kujandajanda cyangwa kwirozonga kuko ari twe bifitiye akamaro.

Uru Rwanda ni urwacu twurwubake nta we dusiganya kuko "Ak'imuhana kaza imvura ihise."

amakosa yakoraga.

**Kumasha**: kurasa witoza kuboneza

**Kunganira:** gufasha**.**

**Kunoza:** gutunganya.

**Kurambika inda ku muyaga:** kwiruka ubutarora inyuma, kwiruka cyane.

**Kuvumbika:** kurundarunda umuriro cyangwa kuwushyiramo ikintu gitinda gukongoka ngo utazima.

**Kuzibukira**: kwihinda cyangwa gukikama icyo bateye cyangwa bagira ngo bagukubite kigaca ku ruhande.

**Kuzimanira:** guha umuntu icyo anywa n'icyo arya.

**Kwitamanzura:** gukwira ahantu henshi/ kumenywa n'abantu benshi.

**Mpobagurika**: nyobagurika.

**Mu gahinga:**igice cy'umusozi gitumburutse.

**Mu gikombe:** ahantu hari ikena hagati y'imisozi.

**Mu Mpeshyi**: mu Ki/mu gihe k'izuba ryinshi.

**Murandasi :** inzira cyangwa umuyoboro w'ikoranabuhanga amakuru anyuramo ava ku bantu bamwe ajya ku bandi.

**Mutindi**: mubi, ugira nabi.

**Nta byera ngo de:** nta byabaho bidafite inenge na ntoya.

**Ntibica ishati:** ntibigoye na busa.

**Rirabacuza**: ribatwara ibyabo.

**Riravuza ubuhuha**: rikabije gutuma abantu bamererwa nabi.

**Twakondewe**: twahangiwe, twateguriwe.

**Uburimiro:** igitaka gifata ku maguru y'uwahinze cyangwa ku isuka yahingishijwe.

**Uburoko:** ahantu bafungira abantu, gereza, muri kasho.

**Uharaze**: ufite ari byinshi, bikuranga.

**Umuhigo**: inyamaswa bishe bahiga

## IMYANDIKO Y'INYONGERA

### Mudakenesha

Murezi wese w'indahemuka
Urerera igihugu inyangamugayo
Ari ko uzihundagazaho ubumenyi
Butaborerana ntibunahinyuke
Usanzwe witwa NYAMUHIRIBONA
Mudakenesha turariguhese.
Shimwa mwungeri utagaramba
Ushora ahiye ntarumanze
Uri umubyeyi ubonera abo urerera.
Gumya ubavubire ubujijuke
Utabagerurira igise cyabwo
Unagenzura uko babuyora
Umunezero uhore ugusaba.
Imihigo yawe uko nayisanze
Isegeka myinshi mu y'imbonera
Uzira ubugugu ugira urugwiro
Ashwi nta huriro n'ibishagasha.
Mugumyabanga udahora mu rushya
Ishyaka Rugaba yagusendereje
Uhora urigabira u Rwanda rw'ejo.
Dore urureramo ingabo z'intwaza
Zigatabarukana imidende
Zivuga imyato yawe itimba
Kuko wazigabye unazigaburira.

Erega n'iyo wacyuye igihe
Imihayo yawe ntita itoto
Inshuke navugaga zigutaka
Ishyerezo ziza gutitiba
Inkoni waziragije ya kibyeyi
Ubwo ikakirwa na bene ibakwe.
Imyuga uko yakabaye
Ubukorikori bwose
Iryo ni ijuri ryawe.
Umuhinzi uramunyuze
Umworozi arakurahira
Umucuruzi ,umudereva
Umuvuzi,umuganga
Umubaji,umufundi
Bombi n'umucuruzi
Abahimbyi, abahanzi
Weguriye iby'inganzo
Imbumbamutekano
Abo wananuye ingingo
Leta abo yigombye
Ishinze imirimo myinshi
Utagisomesha ibanga
Utajya kuryandikisha
Kuko wamuhumuye
Bose warabaremeye

Kandi ntiwabarembye
None ni ko gushima:
Imyama barayiteye
Yikirijwe umudiho
Ibicuriro by'intore
Umurishyo si ugusuma
Umurya unoze w'inanga
Ni wo wabatuye impanda
Urwo rwunge rw'impundu
Zivuzwa n'abahe bawe
Igisagara cy'abeshi
Bo mu mpugu zose
Ngo akira iyi nganji
Ucyuriweho umunyafu
W'uko ushikurwa ukwawe
Bitadohora umwete
Cyangwa se ubwo buhanga
None uhorane ibyambo.
Inshungu mafubo tubona
Ushubije ingobyi imugongo
zihamya ko wibyaye
Zigumane impagarike.

**Igitekerezo: Sakindi**

Umugabo witwa Sakindi yabaye mu rugerero cyane, akajya amara yo imyaka myinshi ari ibwami, kuko abakera bajyaga bajya mu rugerero ntibatahe n'uwasize arongoye umugore, yasiga yarasamye akazasanga umwana yarubatse. Kera rero ababaga mu rugerero ni uko byagendaga bagatinda cyane iyo yabaga atagira abazamukura, atagira abo bava inda imwe cyangwa bene wabo.

Uwitwa Sakindi rero ajya mu rugerero atindayo cyane, yarasize umugore atwite. Bukeye abyaye, abyara umwana w'umukobwa, uwo mwana ararerwa arakura. Amaze kuba umwana w'umwangavu, arabaza ati: "Data aba he?" Baramubwira bati: "So yagiye ku rugerero ni ho aba ntagira umukura yibera yo".

Umukobwa aba aho aramutegereza araheba, bukeye atangiye kumera amabere, aherako yigira mu bacuzi. Abacuzi arabinginga bamukorogoshoreramo amabere bayamaramo maze rero amabere ye arasibangana, agira igituza nk'icy'abahungu. Yibera aho yiga gusimbuka, yiga kurasa intego, yiga gufora umuheto, yiga gutera icumu, yibera aho aba mu nka za se. Abyirutse rero abyiruka gihungu, ntihagire umuhungu umurusha gusimbuka, ntihagire umuhungu ugira icyo amurusha kerekeye ku mirimo y'abahungu.

Akora ibyo atyo, bukeye ajyana n'ingemu zigemurirwa se ku rugerero. Atungutse ibwami, aho se acumbitse, aragenda aramubwira ati: "Ndi umwana wawe. Kandi kuva navuka sinigeze nkubona nawe ntabwo unzi. Ariko byarambabaje cyane kuko wabaye mu rugerero hano, uru rugerero ukarubamo utagira gikura abandi bagataha, geho nazanywe no kugukura, umurikire umwami unshyire mu rugerero nge mu bandi bahungu nge mu bandi batware, maze nkubere mu rugerero nawe utahe, wicare iwawe, utunge ibyawe nange nzaguhakirwa.

Uwo mukobwa rero ni we witwaga Sakindi. Ise rero amubonye abona ko abonye noneho umuvunyi, aboneza ubwo aramujyana, amujyana ibwami aramumumurikira ati: "Dore umwana waje kunkura mu rugerero asubiye mu kiraro cyange asubiye mu kirenge cyange aho nari ndi, mumubane nta kundi nange ndatashye ndasezeye".

Umwami aramusezerera ati: "Nta kundi ubwo mbonye umukura se kandi hari ikindi?" Nuko aherako aritahira yigira iwe, yitungira inka

ze yibera aho, umukobwa rero yibera aho na we aba mu bandi bahungu, baramasha arabarusha, barasimbuka arabarusha, bigenda bityo, imirimo y'abahungu yose arayibarusha, bagiye kurasa intego arabarusha, maze Sakindi aragenda aba intwari mu bandi bahungu mu rungano rungana na we arabarusha rwose.

Bukeye abandi bahungu biratinda bakajya mu gitaramo, bakajya basohoka bakajya kunyara, na we yajya kunyara akajya kubihisha, akajya kure ngo batamubona. Bukeye ibya rubanda bazi kugenzura cyane bakomeza kumugenzura, bati: "Uriya muntu; Sakindi tubona aho ni umuhungu, aho ntabwo ari umukobwa?" Bukeye bavamo umwe aramugenzura aramubona anyara. Amwitegereje, aramureba amenya ko ari umukobwa neza biraboneka, amaze kubyibonera aragenda ahamagara umwami amushyira ukwe aramwihererana ati: "Aho uzi Sakindi, uzi mu rugerero, muzi mu muhigo uburyo aturusha, uzi mu isimbuka uburyo aturusha, ukamenya kurasa intego uburyo aturusha?" Ati: "Burya bwose abigira ari umukobwa".

Undi ati: "Urabeshya ntabwo ari umukobwa umuntu umeze kuriya w'umuhungu mu bandi kandi akaba ari intwari ko nta muhungu umurusha ibyivugo; ntihagire ugira umurimo w'abahungu amurusha rwose uriya ni umukobwa ahajya he?" Ati: "Mubimenye ninsanga ari umuhungu ndagutanga urapfa n'inka z'iwanyu zikanyagwa. Ninsanga ari umukobwa kandi urabizi uzi kugenzura, uraba waragenzuriye ukuri koko.

Ati: "Nawe uzigenzurire nta kundi". Barara aho, barara mu nkera buracya mu gitondo baramukira ku biraro byabo, umwami atumira Sakindi, aramwihererana iwe mu rugo, ati: "Umva rero Sakindi, ndagusaba kugira ngo icyo nkwibariza nawe ukimbwire kandi nuba ukizi ukimbwire koko". Amwihererana iwe ikambere aramubaza ati: "Uri umuhungu cyangwa uri umukobwa?"

Undi ati: "Ubimbarije iki se? Ko ntananiwe urugerero; nkaba ntananiwe itabaro ry'abahungu; nkaba nta kintu kerekeye imirimo y'abakobwa wari wabona nkora; icyo ubimbarije ni iki kuvuga ko ndi umukobwa? Ni uko ubona ngira ubutwari buke?" Undi ati: "Oya si ibyo nkubarije. Ndakubaza uko mbikubajije ndagira ngo nawe unsubize uko biri umbwire niba uri umuhungu mbimenye, niba uri umukobwa mbimenye". Ati: "Ndi umuhungu".

Abikurikiranya atyo. Ati: "Umva ikimara agahinda ni uko unyambarira ukuri, si ukugira ngo wambare ubusa ahubwo unyambarire ukuri ndore".

Aramubwira bihererey e, ati: "Umva rero noneho aho turi hano, yenda

n’abandi bantu baratwumva, heza cyane twiherere nkubwire”. Araheza basigara mu nzu bonyine.

Ati: “Ubu rero naravutse. Mvuka ndi umukobwa. Mvukiye mu rugo rwa data nsanga atarurimo. Mbajije aho data yagiye, bambwiye ko ari mu rugerero rw’ibwami”. Arakomeza ati: “Ndi umukobwa koko. Bakuyemo amabere, niga gusimbuka, niga kurasa intego, niga kujya mu muhigo niga imirimo y’abahungu bakora yose niga iyo, mbabajwe na data kuko yabaye mu rugerero, atagira umukura, ni icyo cyanzanye. Cyakora naje ndi umukobwa, ariko rero naje gukura data mu rugerero, nje kubikubwira nta wundi wari ubizi, mbikubwiriye icyo ubimbarije”.

Nuko ati: “Ndagushimiye kuko ubinyemereye, ukaba ubimbwiye kandi umbwiye ukuri, ndagira ngo unyambarire ukuri noneho mbirebe nange mbyimenyere koko bye no kuba impuha ne no kukubaririza”. Umukobwa arabyemera, yambara ukuri nk’uko abimubwiye akuramo imyambaro asigara ahagaze gusa.

Arabireba umwami ati: “Tora imyambaro yawe wongere ukenyere, arakenyera arangije gukenyera. Umwami ati: “Ntiwongere gusohoka guma mu nzu”. Yibera aho abigeza mu bandi abitekerereza abandi bari bakuru. Havamo umwe mu bakuru bari aho ati: “Uwo muntu yarababaye rero cyane kandi hirya hari abandi basa n’uwo nguwo, muruzi ko ibintu byacitse imusozi, abantu bararushye cyane, washyize abantu mu rugerero biratinda bamwe baherana intanga mu mibiri, n’ababyaye abana ntibaziranye, ikimenyetso kibikwereka ni kiriya”.

Wa mukobwa bwije nijoro umwami aramurongora, ati: “Nzagutungira icyo kuko wabaye intwari kandi ukaba waragiriye so akamaro, ikigeretse kuri ibyo kandi uri mwiza sinanigeze nkugaya mu bandi bahungu”. Amurongora ubwo atumira se arabimubwira, ati: “Wamumpaye uzi ko ari umukobwa?” Undi ati: “Nabonye ansanga ku kiraro ntazi uwo ari we napfuye kuguha umwana nzi ko ari uwange gusa.”

Abyeza atyo, aba umugore we, se baramushima cyane kuko yavuye mu rugerero atahasize ubusa, kandi akahasiga intwari itunganye, nuko umukobwa umwami aramurongora, amugira umugore. Umwami agabira sebukwe inka amagana kugeza igihe asaziye mu bye. Ntiyongera gusubira mu rugerero ukundi. Umukobwa we aratunga aratunganirwa ibya Sakindi birangirira aho.

**Umugani muremure: Muyaya**

Muyaya yari umuntu w'umukene, abyara umwana w'umukobwa mwiza, umukobwa abwira se, ati: "Ngiye kuguhakirwa", ajya ibwami yihundura umuhungu. Umwami aramukunda kuko na we yari azi ubwenge. Umwamikazi akifuza uwo musore abona ari umuhungu, ndetse aramushuka. Amunaniye amurega ibinyoma umwami aramutanga. Mbere yo kujya kumwica ati: "Mwami nyagasani urebe niba ibyo umugore wawe ambeshyera nabishobora." Yambara ubusa babona ari umukobwa, barumirwa. Umwamikazi baramwica. Umwami arongora mwene Muyaya umukobwa akira atyo.

Habayeho umugabo Muyaya aba aho ari inkeho. Bukeye ashaka umugore babyarana umwana umwe w'umukobwa gusa. Muyaya akaba yari yarabwiye abantu bo hirya no hino, ugiye kumwuhirira inka akamuha indi nka, kugira ngo abone amaboko, kugira ngo abone uko atunga izo nka kugira ngo yihe amaboko muri bagenzi be mbese agasa n'uwigura.

Umwuhiriye, umuragiriye, umukamiye inka adahari, akazikuramo inka. Bukeye uwo mwana we w'umukobwa amaze kumenya ubwenge aramubwira ati: "Dawe nkubwire, dore igihe wavunikiye ndi umwe, kandi utunze, nshakira umuheto, unshakire imyambi, ndashaka kwambara kigabo ngo nzage kuguhakirwa ibwami, noneho abaja bazampa n'abagaragu niba mpabonye ubutoni nzaguhemo abashotsi n'abashumba."

Se Muyaya ati: "Ese mwana wange ko uri umukobwa uzamenya uhakirwa abo bashumba ute ngo nzababone, wagumye aha nkazagushyingira ariko ntuge guhakwa ko utabishobora?"

Umukobwa ati: "Nzabishobora." Se amushakiye umuheto, umukobwa atwaye icumu nk'abagabo, mbese yigira nk'umuhungu rwose, abamubonye bose bakamwita umuhungu.

Bukeye umukobwa ati: "Igihe kirageze, njyana ibwami nge kuguhakirwa, dore igihe waherereye uge wisigarira mu byawe nange mpakubere." Ubwo se aherako aramujyanye, agezeyo umwami amubonye abona ari umusore mwiza wambaye kigabo atwaye icumu, ntiyamenya ko ari umukobwa amushyira mu itorero, aba umusore mwiza kandi ari inkumi. Kera rero ngo hari abizingishaga amabere na we yari yaragiye kwizingisha amabere kugira ngo azakunde akamire se.

Arakomeza aba umusore mwiza akamenya guhamiriza umwami aramukunda, aba mwiza akubitiyeho n'amaraso y'ubukobwa aba umusore mwiza koko uteranye. Akamenya gukirana, umufashe ntamuheze.

Akamenya kwiruka, akamenya gutwara umuheto akarasa, akamenya kurasa intego akamasha. Aho bari agahiga abandi, umwami akajya amuha inka.

Umwami aramukunda cyane, kubera ko ari n'urwego rwe, ari umusore mwiza, uko umwaka ushize akamuha inka.

Bukeye ati: "Umva rero Nyagasani!, data ni umukene ni inkeho, arankunda cyane kandi izi nka mumpa nta muntu agira uziragira, ntizigira abashotsi none ntako mwagerageza nkagira icyo ndamiraho data?" Umwami ati: "Yewe, ni koko, aho so atuye nzahava nzakubwira." Undi ati: "iii".

Bukeye ajyana n'uwo musore afata abantu bose bari batuye mu kagari uwo se atuyeho, abaha Muyaya; bose abagabiye Muyaya. Ati "Umva rero Muyaya aha hategeke, ngaba abashumba, ngaba abashotsi, ngaba abahinzi." Ubwo wa mukobwa aba atangiye gukiza se atyo.

Ubwo ariko mu itorero umwamikazi akaba amureba, akamureba akumva amukunze akibwira ati: "Icyampa uriya musore ngo nzamubyareho akana k'agahungu gasa na we, ariko n'iyo namubyaraho agakobwa." Umwamikazi akajya amureba kenshi na kenshi, akamuha inzoga y'inturire, iy'inkangaza, agira ngo abone uko amwiyegereza.

Kubera ko mwene Muyaya yari umukobwa nta gitekerezo kindi yagiraga ibyo ntabyiteho ntabigirire umutima. Noneho umwamikazi akibwira ko ari ukubura umwanya akabona ko ari no kumutinya.

Bukeye umwami ajya guhiga umuhigo w'umurara, ihembe rirararitse, abahigi bukeye barambaye, imyambi barayityaje, inkota bazikozeho bati: "Tuge guhiga". Kera bavaga guhiga nk'aha bakajya guhiga nk'i Burundi (Nyamata – Burundi). Abantu barahagurutse baragiye, bageze ku gasozi ko hakurya umwami ati: "Murabizi nibagiwe amayombo y'imbwa zange; nihagire ufite imbaraga agende anzanire amayombo." Bararebana bati: "Umusore utite imbaraga ni Mwene Muyaya, ni Muyaya rwose ni we ukwiye kujya kuzana amayombo, wowe ndakuzi uri rutebuka." Umukobwa arirukanse, ahageze umwamikazi ati: "Si wowe nabona." Ati: "Ngwino noneho ni wowe nashakaga." Bageze mu nzu umwamikazi aramufata ati: "Ngwino nguhe inzoga." Undi ati: "Nta cyo nshaka mpa amayombo." Mwene Muyaya ati: "Mwamikazi, mbwira icyo ushaka." Ati: "Ngwino ngusasire, nimara kugusasira uge guhiga". Undi ati: "Shwi, ntabwo ari icyo nagenewe". Umwamikazi na we ati: "Amayombo nta yo nguhaye." Mwene Muyaya abona amayombo aho amanitse, aba yasimbutse arayiha arirukanka.

Yarirukanse umwamikazi ati: "Cyo rero, uriya munyagwa anyumviye

ubusa." Yiga uburyo bwo kumwubikaho icyaha kugira ngo umwami aho azazira amwice. Ati: "Anyumviye ubusa kandi hari ubwo yazabibwira abandi." Umwamikazi agize inkingi y'intagara y'umwami arayivunnye, agize inkingi y'inganona yo arayivunnye, mbese akoze ibintu byo kugira ngo yicishe mwene Muyaya.

Ubwo rero umuhigo uraraye, buracya urasibiye, ku munsi wa gatatu umuhigo uraje noneho abagiye gusanganira bahura n'umuhigo uko wakaje. Umwami arababaza ati: "Ni amahoro?" Bati "Nta mahoro nta yo, umwamikazi ameze nabi." Ati: "Azize iki?" Bati: "Yazize uwo mwene Muyaya ngo ni we wamwishe kandi ngo yashakaga ko ajya kumusasira noneho umwamikazi yanze, mwene Muyaya asiga aciye ibintu aranamuterura amukubita hasi, rwose yaciye ibintu yaragomye." Umwami ati: "iii. Umuvunamuheto ko namukundaga, none nkaba ngiye kumwica!" Umwami rero iyo bamubwiraga umuntu wagomye, yabaga yamushumbije amaboko yaramwicaga. Arinjira umwamikazi amukubise amaso arigwandika ati: "Mwami ngo urebe uko mu nzu bimeze." Aritegereje ati: "Akwiriye gupfa."

Yegereye mwene Muyaya ati: "Nibagufate bakujyane iwanyu, ntunshika ntuntoroka, usezere so, usezere nyoko, usezere n'umuryango wawe uze nkwice." Undi ati: "iii." Ntabwo yari azi icyo azira. Aragiye asanze nyina na se, areba abantu bamushoreye nk'imbagwa ngo adacika bati: "Ese ko yajyaga aza akaza arongoye inka akaza neza, bariya bantu ko bamushoreye"?

Umukobwa yajya kugira icyo avuga abwira se, ikiniga kikamwica.

Nyina aramubwira ati: "Shinga icumu turamukanye,

Mwana wa Muyaya".

Umukobwa na we akamusubiza ati:

"Abakecuru ntimubarirwa

Mama na Muyaya,

Genda ubwire data

Mama na Muyaya,

Atore indi y'ubugondo

Mama na Muyaya,

Ugende wikwere

Mama na Muyaya,

Mwene Muyaya agiye

Kumara urw'ingoma,

Iby'ibwami biragora

Mama na Muyaya".

Bakamukurikirana, akongera akababwira atyo abura ikindi yabasubiza, ariko ubwo bamenya ko agiye gupfa. Bageze ibwami ku Karubanda, ubwo se na nyina baje babakurikiye. Umwami ati: "Umva rero nta kindi ubu ngiye kukwica".

Igihe ngo ashatse kumwicira aho imbere y'umuryango, aho bitaga ku gitabo, mwene Muyaya ati: "Ashwi, ntabwo ugomba kunyicira hano, ngwino tuge mu gikari". Bahageze amwereka uko ateye, umwami asanga ari umukobwa. Umukobwa ati: "Iyo ujya kuvuga ko nagomye, najyaga ku buriri bwawe njya gukora iki? Uwo mugore wawe nari mukeneye ko ureba nange ndi umugore nka we?" Umwami araca agwa mu kantu, ati: "Cyo ye! Uyu muntu yari arenganye koko!"

Umwami ati: "Fata imyambaro yawe wambare". Umukobwa ati: "Ntabwo nambaye ntacyo nambara, abantu bose bambonye, ni ubusa nabwambaye na none iyicire". Abantu bose bati: "Rwose ambara". Nyirasenge arahendahenze ati: "Ambara mwana wange". Undi ati: "Oya ntabwo nambara". Umwami arabireba asanga umwamikazi ari we ufite icyaha gikomeye. Arabasohora aramwica ati: "Ni wowe wiyishe utumye nambika ababyeyi b'i Rwanda ubusa" Abwira mwene Muyaya ati: "Injira ni wowe mwamikazi".

Ingoma ziravuga, Mwene Muyaya ahabwa abaja n'abagaragu arakira. Muyaya na we akira atyo, abona abavunyi, abona abashotsi.

Si nge wahera.